# Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO. E-27 | TARIKI 19 - 25 KANAMA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw




AMAKURU
Muri gahunda nzamurabushobozi imbaraga zizashyirwa mu mibare itsindwa kuri 27%

4

AMAKURU
U Rwanda rwaburiye Loni ko RDC yayitura mu mutego w'ingengabitekerezo y'amacakubiri

9

MU NTARA
Musanze: Biteze agatubutse ku Kwita Izina byaherukaga mu 2023

15

IMYIDAGADURO
Massamba Intore agiye guhatanira ibihembo byo muri Nigeria

22

# Perezida Kagame yashimiye EAR ubufatanye na Leta mu iterambere


Itorero Angilikani mu Rwanda ryizihije isabukuru y'imyaka 100

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yifurije isabukuru nziza y'imyaka 100 Itorero Angilikani mu Rwanda (EAR), by'umwihariko ashimira Umushumba Mukuru Arikiyepisikopi Laurent Mbanda, kumutumira muri ibyo birori by'isabukuru.***

Ni ubutumwa bwatanzwe na Perezida wa Sena Dr. Kalinda François Xavier yatangiye mu birori byo kwizihiza iyo sabukuru byateraniye i Gahini mu Karere ka Kayonza, aho iryo torero ryatangirijwe mu mwaka wa 1925.

Dr Kalinda yari ahagarariye Perezida Kagame muri ibyo birori byaranzwe no gusenga ndetse no gushimira Imana yabanye n'iryo torero mu rugendo rwo kwagukira mu bice bitandukanye by'Igihugu.

KOMEZA KU RUP.3

## Byinshi ku mushinga wa miliyari 115 Frw w'imiturirwa ku Kacyiru

KAMALIZA Agnes

***Mu Murenge wa Kacyiru mu Karere ka Gasabo munsi y'Ibitaro byitiriwe Umwami Faisal, ahateganye n'Umudugudu w'Icyitererezo wa Vision City n'ikibuga cya Golf, hari kubakwa inyubako zo guturamo no gukoreramo zizahindura isura y'Umujyi.***

Ni inyubako zatangiye ziteye amabengeza zatangiye kubakwa mu mushinga wiswe 'Ramba Hills Project' witezweho kuzatwara akayabo ka miliyoni 80 z'amadolari y'Amerika, ni ukuvuga amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 115.

Izo nyubako ziri kubakwa binyuze mu mushinga w'Ikigo 'Investment Africa Holdings Ltd' binyuze mu gashami kacyo, Ramba Real Estate, biyemeje gushyira imbere gutunganya inyubako zo guturamo, ibiro, n'izo guteza imbere imijyi ku rwego ruhanitse.

Igishushanyombonera cy'uwo mushinga kigaragaza inyubako ndende ebyiri imwe y'amagorofa 26, n'indi ya 24, iruhande rwazo hari indi izaba ifite amagorofa 16, indi ya 12 n'ifite 10.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Byinshi ku mushinga w'u Rwanda wo gukuba 2 abagenzi ba RwandAir




RwandAir irateganya gukuba inshuro zisaga ebyiri umubare w'abagenzi bayo

ZIGAMA Theoneste

***Sosiyete y'u Rwanda ikora ubwikorezi bwo mu Kirere (RwandAir) irateganya gukuba inshuro zisaga ebyiri umubare w'abagenzi bayo, ukava kuri miliyoni 1 yatwaraga mu mwaka wa 2023/24 bakazagera kuri miliyoni zirenga 2,1 mu mwaka wa 2028/29.***

Ni gahunda ubuyobozi bwa RwandAir buvuga ko izashoboka ibinyujije mu kongera indege nshya, kongera ibyerekezo byazo, no gushimangira ubufatanye n'abandi bafatanyabikorwa.

Iyi ntego ikomeye iri muri gahunda y'Igihugu y'Ingamba zigamije guteza imbere urwego rw'ubwikorezi y'imyaka itanu (2024-2029), aho ubwo mu kirere bwashyizwe mu by'ingenzi bishobora guteza imbere Igihugu.

Nk'uko byagenze ku Isi hose mu rwego rw'ubwikorezi bwo mu Kirere, RwandAir yagizweho ingaruka zikomeye n'icyorezo cya COVID-19.

Umubare w'abagenzi bagenda n'indege buri mwaka, waragabanyutse uva kuri miliyoni 1.15 wariho mbere y'icyo cyorezo (mu 2019), ugera ku bantu 316 858 mu 2020/21.

Iyo kompanyi yongeye kuzahuka, aho mu mwaka wa 2023/24 yatwaye abagenzi barenga gato miliyoni 1.

Guverinoma y'u Rwanda yongeye kwemeza ko ishyigikiye ubwikorezi bwo mu kirere ibinyujije mu masezerano y'ubufatanye n'ibindi bihugu (BASAs) no mu gushora imari mu kubaka ibibuga by'indege bifite ubushobozi buhanitse, harimo n'Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali gishya kiri kubakwa mu Karere ka Bugesera.

Mu kiganiro yagiranye na The New Times, Fouad Caunhye, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubucuruzi muri RwandAir, yagaragaje inzira iyi kompanyi izanyuramo kugira ngo igerere ku ntego zayo za 2029.

Yagize ati: "Mu rwego rwo kugera kuri iyi ntego, dushyira mu bikorwa gahunda y'iterambere irimo iby'ingenzi birimo kwagura no kuvugurura indege."

# Ubushakashatsi bwa 7 ku mibereho n'ubuzima by'abaturage bwageze i Kigali

KAYITARE Jean Paul

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare (NISR) cyatangaje ko ubushakashatsi bwa 7 ku mibereho n'ubuzima mu Rwanda (RDHS) bukomereje mu Mujyi wa Kigali.***

Ubushakashatsi bugamije kumenya urugendo Igihugu kimaze gukora mu iterambere ry'imibereho y'abaturage n'ubuzima kugira ngo bifashe mu igenamigambi.

Mu kiganiro Imvaho Nshya yagiranye na Niringiyimana Faustin, Umuyobozi w'agateganyo w'ishami rishinzwe ubushakashatsi ku mibereho y'abaturage, avuga ko ubushakashatsi bugeze mu cyiciro cy'ikusanyamakuru.

Yavuze ko mu ibarura hakorwa ingo 26 muri buri gapande k'ibarura nyuma abakarani b'ibarura bakazakora udupande tw'ibarura 560 twose hamwe mu gihugu.

Ubushakashatsi bwatangiriye mu Turere twose tugize Intara y'Amajyaruguru, utugize Intara y'Amajyepfo ndetse n'Uturere twose tugize Intara y'Iburasirazuba.

Mu Burengerazuba bwatangiriye gusa mu Karere ka Nyabihu.

Ati: "Utwo turere twahereyemo mu ikusanyamakuru twenda kurangira.

Iyo Akarere karangiye bahita bimuka bakajya mu tundi twasigaye tw'Intara y'Iburengerazuba n'utwo mu Mujyi wa Kigali."

Akomeza agira ati: "Itsinda ryari ririmo gukorera Nyaruguru barangije uyu munsi, ubu bimukiye mu Mujyi wa Kigali, n'abandi uko bazajya bagenda basoza, bazajya bimukira mu tundi turere tugize Uburengerazuba n'Umujyi wa Kigali."

Ubushakashatsi buratangira muri Kigali kuva ejo ku wa Gatatu tariki 19 Kanama 2025.

Niringiyimana, Umuyobozi w'agateganyo w'ishami rishinzwe ubushakashatsi ku mibereho y'abaturage, avuga ko iyo ikusanyamakuru rirangiye hakurikiraho isesengura-makuru.

Ati: "Turayasesengura tukareba amakosa ashobora kuba arimo akosorwa, ayakosorwa agakosorwa, adashobora gukosorwa ubwo hari ukundi kuntu bikorwa hanyuma tugatangira gukora imbonerahamwe (tableau) tugatangira gukora raporo."

NISR itangaza ko icyiciro cy'ikusanyamakuru kizarangira mu kwezi ku Ukwakira, mu gihe byaba bigenze uko byateganyijwe.

Niringiyimana akomeza agira ati: "Ukwezi gukurikiyeho haba harimo gusesengurwa amakuru, kwandika raporo, ku buryo mu kwezi k'Ukuboza 2025 kuzajya kurangira twatangaje ibisubizo byibanze."

Kugeza ubu abakozi bari mu bushakashatsi hirya no hino mu gihugu, NISR igaragaza ko nta hantu na hamwe bari bagira ikibazo kidasanzwe mu bijyanye no kwakirwa n'abaturage.

Niringiyimana asobanura ko bituruka ku kuba mbere yo kujyayo NISR iba yamenyesheje ubuyobozi mu Nzego zibanze.

Ati: "Twandikira Akarere kakamenyesha izindi nzego kugera ku rwego rw'Umudugudu, aho tugeze dusanga ba Mudugudu babizi, igikorwa bakizi, bakaduhuza n'abaturage muri za ngo tuba twarahisemo.

Nta kibazo rero twari twagira kidasanzwe muri rusange, twakirwa neza."

Imvaho Nshya ntiyashoboye kumenya ingengo y'imari izagendera mu bushakashatsi bwa 7 ku mibereho n'ubuzima mu Rwanda (RDHS).

Ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima bwakozwe mu mwaka wa 2019/2020 bwakorewe mu midugudu 500 yatoranyijwe mu dupande tw'ibarura twatanzwe n'ibarura rya kane ry'abaturage n'imiturire ryo mu mwaka wa 2012.

Raporo y'ubushakashatsi bwose yasohotse mu kwezi k'Ukuboza 2021 yakorewe ku ngo 12 949.

Abagore bari 14 634, bafite imyaka 15 kugeza 49, abagabo 6 471 bafite imyaka 15 kugeza 59.




Abakarani bibarura bagana mu ngo basanga abaturage bababa amakuru babiteguye





# Perezida Kagame yashimiye EAR ubufatanye na Leta mu iterambere



Hakaswe umutsima wo kwishimira imyaka 100 Itorero Anglikani rimaze mu murimo

IBIKURIKIRA URUP.1

Yagize ati: "Nyakubahwa Perezida wa Repubulika [Paul Kagame] arashimira Arikiyepisikopi, Umushumba Mukuru w'Itorero ry'u Rwanda ku butumire yamugejejeho bwo kwifatanya n'abakirisitu mu kwizihiza isabukuru y'imyaka 100 iri torero rimaze rikorera mu Rwanda.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, akaba yifurije itorero isabukuru nziza y'imyaka 100, isabukuru y'ubuntu bw'Imana bugaragarira mu bikorwa by'iri torero mu Rwanda."

Yavuze ko Leta y'u Rwanda yishimira ko itorero ryagiye rikura ryamamaza ubutumwa bwiza mu gihugu hose rinagira uruhare rukomeye mu iterambere ry'imibereho myiza y'Abanyarwanda.

Yavuze ko muri iyo myaka 100 Leta y'u Rwanda ishima ubufatanye bw'Itorero Anglilikani mu Rwanda, mu kuzamura imibereho myiza y'abaturarwanda, iterambere ry'ubukungu ndetse n'imiyoborere myiza.

Yakomeje ashimangira ko Guverinoma y'u Rwanda ifata amadini n'amatorero nk'abafatanyabikorwa b'ingenzi bayo bagira uruhare rukomeye mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta zigamije guhindura ubuzima bw'Abanyarwanda.

Ati: "Mu izina rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, turashimira ku mugaragaro itorero Angilikani ry'u Rwanda n'ubuyobozi bwaryo kuba mwarashyize imbere ubufatanye, mutanga umusanzu w'ingirakamaro nk'abafatanyabikorwa muri gahunda zitandukanye zifitiye Igihugu n'Abanyarwanda akamaro."

Mu byo iryo torero rishimirwa harimo kwita ku bikorwa by'iterambere, kuzamura imibereho myiza y'Abanyarwanda, gushyigikira imiyoborere myiza, no guharanira ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda cyane cyane nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yakomeje agira ati: "Leta y'u Rwanda irashima by'umwihariko uruhare n'umusanzu w'Itorero Angilikani ry'u Rwanda mu gushyigikira ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Itorero Angilikani ryagize uruhare rukomeye mu bikorwa byo kunga, gusana imitima, gufasha imfubyi n'abapfakazi, no mu bikorwa byo kubaka ubumwe n'ubudaheranwa.

Yakomeje agira ati: "Leta izakomeza rero guha agaciro ubwo bufatanye bw'Itorero Angilikani ndetse n'ubw'andi matorero n'amadini akorera mu Rwanda mu kubaka umuryango nyarwanda ushyize hamwe kandi utera imbere."

Leta y'u Rwanda yaboneyeho gusaba amadini n'amatorero kuba umusemburo w'imibereho myiza y'Abanyarwanda yongera ubufatanye mu gukumira no gukemura ibibazo by'abakoresha nabi ubwisanzure mu myemerere, bagamije gushora ab'intege nke mu bikorwa bigira ingaruka mbi ku buzima bwabo n'ubw'Igihugu muri rusange

Irasaba kandi amatorero n'amadini kurushaho gushyira imbere no gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda no gushishikariza abayoboke ibikorwa bibateza imbere no gukunda umurimo.

Yavuze kandi ko ari bo bafite umuti w'ibibazo birimo ikibazo cy'uburere bw'abana no kubungabunga imikurire myiza yabo, icy'abana bata ishuri, icy'ubuzererezi n'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.



Abakirisitu bitabiriye ibirori byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 100 Itorero Angilikani rimaze rigeze mu Rwanda

# Byinshi ku mushinga wa miliyari 115 Frw w'imiturirwa ku Kacyiru



Umushinga Ramba Hills ugizwe n'inyubako zo guturamo no gukoreramo

IBIKURIKIRA URUP.1

Kigaragaza ubusitani bugari butanga amahumbezi, pisine, parikingi nini ifite ubushobozi bwo kwakira imodoka 1 400, imihanda myinshi irimo inyura mu busitani n'ahandi.

Muri izo nyubako ndende ebyiri, imwe izaba igenewe ibiro byo gukoreramo mu gihe indi ari iyo guturwamo, no mu zindi hakazaba harimo amaguriro, hoteli n'ibindi byangombwa by'ibanze.

Ubuyobozi bwa Ramba Real Estate bwemeza ko imirimo yo kuyubaka izarangira mu myaka ine ariko mu gihe cy'umwaka n'igice hakazuzura inzu ziganjemo izo guturamo.

Muri Kamena uyu mwaka, ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwagaragaje ko uwo mushinga witezweho guhindura ishusho y'Umujyi wa Kigali mu myaka iri imbere.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel, yagize ati: "Ubigereranyije na Vision City hakurya n'izindi 'apartments' zihari, Kacyiru hagiye kuba ahantu hatandukanye n'uko hari hameze... Twimura abaturage, abantu babivuzeho amagambo menshi cyane, ariko iki ni cyo cyerekezo cya Perezida wa Repubulika."

Uyu mushinga uri mu cyiciro cyo kurushaho guhindura isura y'Umujyi wa Kigali, ariko n'imibereho y'abanyamujyi ikazarushaho kuba myiza bigendanye no kubona ahantu hagezweho ho gutura no gukorera.

# Uko FDLR yabakubitaga ikanabafungira i Goma ibita intasi z'u Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Amezi agera kuri arindwi arashize Umujyi wa Goma muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ubohowe n'inyeshyamba za M23, nyuma y'aho biza kugaragara ko umutwe wa FDLR wari warahahinduye ibirindiro bikuru byawo mu mugambi wo gotera u Rwanda.***

Mbere yo gufata uwo Mujyi, bamwe mu Banyarwanda bakora ubucuruzi bwambukiranya umupaka wa Rubavu n'uwa Goma bagiye bahura n'ihohoterwa rikomeye bakorerwaga n'abarwanyi ba FDLR, umutwe washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Rutinywa Athanase umwe mu bafungiwe i Goma na FDLR imwita intasi y'u Rwanda

Mu bafatwaga bagakubitwa bakanafungwa, harimo bamwe mu bafite ubumuga bakora akazi ko gutwara imizigo ku magare bitwaga intasi z'u Rwanda.

Abo baturage babarizwa muri Koperative COTTRARU ikora akazi ko kwambutsa imizigo hagati ya Rubavu na Goma, ubu bakaba bishimira ko nyuma y'amezi agera kuri arindwi uwo mujyi wigaruriwe n'inyeshyamba za M23, byanashyize iherezo ku gitutu bashyirwagaho na FDLR.

Rutinywa Athanase na Neza Issa babwiye Imvaho Nshya uko bafungiwe i Goma muri DRC barengana mu bihe bitandukanye.

Rutinywa avuga ko mu mwaka wa 2024, ari bwo yari ari mu kazi ariko agera ku mupaka wa RDC amasaha yo kwambuka arenzeho iminota mike, ahita afatwa n'abasirikare ba FDLR batangira kumuhondagura inkoni mu mutwe.

Yagize ati: "Nambutse zirenzeho iminota nk'ibiri ubwo mpita numva abantu baravuze ngo nguwo aratambutse! Bahita bankubita inkoni mu mutwe amaraso aratungereza."

Icyo gihe Rutinywa yagize ngo bamuhoye ko yarengeje amasaha, aza gutaha arivuza ariko anagaragariza Ibiro by'u Rwanda bishinzwe abinjira n'abasohoka bikorera i Rubavu akarengane yahuriye na ko i Goma.

Avuga ko amaze koroherwa yasubiye mu kazi apakira imizigo nk'ibisanzwe yambuka umupaka ageze i Goma barongera baramufata ariko agira ngo araza kurekurwa nyuma aza gutungurwa no kubona bazanye amapingu baramupakira bajya kumufunga.

Ati: "Baramfashe ngira ngo barandekura hashize umwanya mbona haje moto barambwira ngo tugende, mbanza kwanga bigeze aho mbona bazanye amapingu noneho ndemera ubwo baranjyana, bamfungira aho twafatiraga ibyangombwa."

Avuga ko nyuma yo gufungwa inzego z' u Rwanda zabimenye hakorwa iperereza ndetse bavugana n'inzego z'i Goma aza gufungurwa.

Neza Issa na we avuga ko abarwanyi ba FDLR bamushimuse mu 2021, bamutwara bambwira ko na bo bavuka ku Kabaya mu Karere ka Nyabihu.

---

# Muri gahunda nzamurabushobozi imbaraga zizashyirwa mu mibare itsindwa kuri 27%

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph yatangaje ko mu mashuri abanza, abanyeshuri batsinda imibare ku kigero gito, cya 27%, ibyo bikaba bitanga umukoro ko muri gahunda nzamurabushobozi hazitabwa ku isomo ry'imibare.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki 19 Kanama 2025, ubwo hatangazwaga amanota y'abanyeshuri basoje amashuri abanza n'icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye, mu mwaka w'amashuri 2024/25.

Yagize ati: " 27% ni bo batsinze imibare mu mashuri abanza, urumva ko atari imibare ishimishije, ni nacyo gituma navuze ko muri gahunda nzamurabushobozi imbaraga zizashyirwa mu mibare".

Yakomeje agaragara kandi ko bijya gusa nuko mu cyiciro rusange, isomo ry'Ubugenge naryo rijya kuba mu cyiciro kimwe cy'imitsindire mu isomo ry'imibare.

Ati: "Uburyo abanyeshuri bakoze mu Bugenge mu cyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye, hatsinze 27,55% ukabona bigiye kungana n'abatsinze mu mashuri abanza mu mibare."

Yanakomoje ku mitsindire mu mashuri ya Leta n'ayigenga, atsinda kurusha aya Leta , ariko ko hari intambwe igenda iterwa.

Ati: "Imikorere y'ibigo bya Leta ugereranyije n'iby'amashuri yigenga, turebye uko byakoze nuko amashuri ya Leta yakoze hari itandukaniro, ndetse



Minisitiri wUburezi, Nsengimana Joseph yatangaje ko mu mashuri abanza, abanyeshuri batsinda imibare ku kigero cya 27%

urasanga umubare w'abatsinze uri hejuru mu yigenga, ariko iyo urebye mu mashuri ya Leta urabona ko bigenda bitera imbere."

Icyo Leta igenda ikora ni gahunda nzamurabushobozi kugira ngo amashuri ya Leta na bo bashobore kwiga ndetse banakore neza kurusha uburyo bari basanzwe bakora.

Yagize ati: "Iyo gahunda yatangiye mu kwa mbere uyu mwaka ariko ubu izatangirana n'umwaka w'amashuri ni bwo buryo tubona tuzazamura intera ku buryo tubona dukora muri iyi minsi, bikazafasha ko imibare y'abiga mu mashuri ya Leta izamuka, mu mitsindire nk'uko NESA ibitangaza , kugira ngo umwana yimuke agomba kuba yaratsinze binyuze mu bizamini bya Leta binyuze mu byiciro biriho kandi bireba amashuri yose yo mu Rwanda."

Minisitiri Nsengimana yavuze ko n'iyo umuntu yaba yiga indimi n'imibare azayiga. Cyane cyane mu siyanse birasaba gushyiramo imbaraga nyinshi, kubibona buriya ni ubwo atari ibintu bigushinishije bituma tumenya aho dushyira imbaraga aka wa mugani ngo ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka birareba Minisiteri y'Uburezi, REB, NESA, RTB ku buryo nibahura ubutaha bazasanga imibare yariyongereye.





# Gutsinda ibizamini bya Leta ntabwo ari imikino y'amahirwe


Minisitiri w'Uburezi, (MINEDUC) Nsengimana Joseph

KAMALIZA Agnes

***Minisitiri w'Uburezi, (MINEDUC) Nsengimana Joseph yanyomoje abitiranyije gutsinda ibizamini bya Leta n'amahirwe bishingikirije ko abanyeshuri babajijwe guhitamo igisubizo nyacyo, avuga ko abanyeshuri batsinze kuko babikoreye, bitabaye tombora ngo bagwe ku bisubizo nyabyo.***

Yabigarutseho ku wa 19 Kanama 2025, ubwo hatangazwaga amanota y'ibizamini bya Leta bya 2024/25 by'amashuri abanza n'icyiciro rusange cy'ayisumbuye,(O' level).

Minisitiri Nsengimana yavuze ko kuba abanyeshuri barakoze ibizamini bahitamo igisubizo nyacyo (multiple choice) atari bishya kandi bikoreshwa ku Isi hose ndetse bihabanye no kuba umuntu yahumiriza akagwa ku gisubizo kiri cyo, ahubwo bishobobora uwakoze.

Ati: "Ibyo gutekereza ko umuntu azajya ahumiriza agahitamo igisubizo ntabwo ari yo ntandaro y'imitsindire twabonye. Ntimujya mubona ibintu by'imikino y'amahirwe, (lotto) ndashaka kubaza izo umaze gutsinda uko zingana, umuntu yahumiriza agatsinda lotto?"

Yongeyeho ati: "Ibyo ntabwo ari byo ibi ni ibintu ugomba kwicara ukumva ugakora imibare ukagera ku mwanzuro ukabona igisubizo, ukareba niba hari igisubizo kijyanye n'ibyo wabonye."

Minisitiri Nsengimana avuga ko intandaro y'imitsindire iri hejuru muri uyu mwaka yaturutse ku muhate abana bashyize mu kwiga ndetse n'uburyo abarezi babafashije muri gahunda nzamurabushobozi.

Ati: "Aho gutsinda byaturutse ni muri gahunda nzamurabushobozi yamaze amezi arindwi, abana bajyaga ku ishuri kugira ngo bafashwe gusobanukirwa, bafashwe ahari intege nke. Ikindi abana bumvise ko bagomba gukora bagashyiramo imbaraga."

Minisiteri y'Uburezi yemeza ko imitsindire yazamutse muri uyu mwaka wa 2024/25 ugereranyije n'ushize aho ikigero cy'abanyeshuri batsinze mu mashuri abanza kuri ubu bari kuri 75.64% mu gihe mu mashuri yisumbuye ari 64.35%.

Abanyeshuri biyandikishije gukora ibizamini bisoza amashuri abanza bari 201 900 abatsinze ari 16 633 barimo abakobwa batsinze kuri 53.2% mu gihe abahungu ari 46.8%.

Mu bakoze ibizamini bisoza icyiciro rusange cy'ayisumbuye (O'Level) uko ari 148 702, abatsinze ni 95 674, barimo abakobwa batsinze ku kigero cya 50,2% mu gihe abahungu ari 49,8%.

---

# Urwunguko fatizo rwa BNR rwashyizwe kuri 6,75%

MUTETERAZINA Shifah

***Banki Nkuru y'u Rwanda yazamuye urwunguko fatizo rwayo irushyira kuri 6.75% ruvuye kuri 6.5% rwariho muri Gicurasi 2025, mu rwego rwo gukomeza kugenzura umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro imbere mu gihugu hashingiwe ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ukomeje kuba mu gipimo kiri hagati ya 2% na 8% mu gihembwe cya kabiri cya 2025.***

Ni bimwe mu byo yagarutseho kuri uyu wa Kane tariki 21 Kanama 2025, Ubwo BNR yagiranaga ikiganiro n'itangazamakuru kigamije kugaragaza imyanzuro y'Akanama gashinzwe Politiki y'Ifaranga n'ishusho y'Urwego rw'imari mu Rwanda y'iki gihembwe.

Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda Hakuziyaremye Soraya yasobanuye ko bazamuye inyungu fatizo ya Banki kugira ngo bashobore guhangana n'izamuka ry'ibiciro ku masoko.


Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda, Hakuziyaremye Soraya

Yagize ati: "Nkuko byagiye bigaragara twabonye umuvuduko w'ibiciro ku masoko ugenda uzamuka mu mezi abiri ashize nuko wageze kuri 7% mu kwezi kwa Gatandatu na 7.3% mu kwezi kwa karindwi ahanini bikaba bishingira ku biciro by'ibiribwa bishingira ko umusaruro w'igihembwe cy'ihinga cya A uba wararangiye kandi uwo mu gihembwe cya B habonetse utari witezwe."

Yongeraho ati: "Ikindi mu kwezi kwa karindwi ibiciro by'ibikomoka kuri Peteroli byagiye bizamuka ariko tubona ko bidateye impungenge nubwo byatumye nk'Akanama gashinzwe Politiki y'ifaranga twashatse kuzamura urwunguko rwa Banki Nkuru y'u Rwanda kugira ngo uyu mwaka ndetse n'ukurikiraho tutageza kuri cya kigero cy'umuvuduko w'ibiciro wagera ku 8%."

Iteganyamibare rya Banki Nkuru y'u Rwanda rigaragaza ko, umuvuduko w'ibiciro uzazamuka ukagera kuri 7.1% mu mwaka wa 2025 mu gihe ibipimo ntarengwa bigomba kuba biri hagati ya 2 na 8 % icyakora mu mwaka wa 2026 bikazamanuka bikagera kuri 6.5%.

Ku rundi ruhande, ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzamuka ku muvuduko mwiza, kuko mu gihembwe cya mbere cya 2025 bwazamutseho 7.8%, bikaba byaratewe no kwiyongera k'umusaruro w'urwego rwa serivisi n'urw'inganda hamwe n'umusaruro uringaniye wabonetse mu buhinzi.

Mu gihembwe cya kabiri cya 2025, agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga kazamutseho 15.5%, biturutse ku musaruro mwiza w'ikawa no kwiyongera kw'amabuye y'agaciro yoherejwe hanze, hamwe n'izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga.

Ku rundi ruhande agaciro k'ibitumizwa mu mahanga kazamutse biringaniye ku kigero cya 3.3%, biturutse ku biribwa byatumijwe mu mahanga birimo ibigori n'amavuta yo guteka ibyatumye icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga kigabanyukaho 2.9% igabanyuka rito ugereranyije na 3.73% byagabanyutseho muri Kamena 2024.

Banki Nkuru y'u Rwanda ivuga ko izafatanya n'abafatanyabikorwa bayo mu gucunga ingorane no gushyiraho ingamba zigamije gusigasira ubudahungabana bw'Urwego rw'imari.

# Bikiramariya Umwamikazi w'i Kibeho yubakiwe ingoro muri USA



Bikiramariya, Umwamikazi w'i Kibeho

ZIGAMA Theoneste

***Muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) hatashywe ingoro nshya yitiriwe Bikiramariya Umwamikazi wa Kibeho, aho abakirisitu Gatolika bazajya bazirikana amabonekerwa ye yabereye mu Rwanda mu myaka ya 1980.***

Iyo ngoro yatashywe ku Cyumweru, tariki ya 17 Kanama, yubatswe ku cyicaro cya Santarari ya Miraculous (Central Association of the Miraculous Medal (CAMM), iherereye muri Leta ya Philadelphia.

Uhereye icyo gihe, abashaka gusura iyi ngoro bemerewe kuyinjiramo bagamije kuzirikana ubutumwa Bikira Mariya yatangiye i Kibeho.

Hagati ya 1981 na 1989, Bikiramariya yabonekeye abakobwa batatu b'Abanyarwandakazi, yigaragaza abahamagarira kwihana no guhindura imitima.

Mu mabonekerwa ye, yagarutse ku mibabaro nk'inzira yo kugera ku butagatifu, anaburira ku makimbirane n'amacakubiri yari yugarije Isi.

Abo bakobwa baboneyeho ibigaragara nk'ibyahanuwe byerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Jenoside yagize ingaruka zikomeye ku Rwanda no ku Isi yose.

Batangaje ko Bikiramariya yababwiye ati: "Isi irimo kurwanya Imana. Ibyaha byinshi birimo gukorwa. Nta rukundo nta n'amahoro bihari. Nimutihana ngo muhindure imitima yanyu, mwese muzagwa mu rwobo."

Kugeza ubu, amabonekerwa ya Bikiramariya w'i Kibeho ni yo yonyine yemejwe na Vatikani ku mugabane w'Afurika.

I Kibeho mu Karere ka Nyaruguru mu Ntara y'Amajyepfo y'u Rwanda, ubu yabaye ahantu hatagatifu hasurwa n'abantu baturutse mu Rwanda, muri Afurika yose ndetse no hirya no hino ku Isi.

Bikira Mariya w'i Kibeho yabwiye umwe mu babonekerwaga ati: "Iyo nerekanye umuntu nkamubwira, mba nshaka kuganiriza Isi yose. Niba nibukije Paruwasi ya Kibeho, ntibivuze ko nita gusa kuri Kibeho cyangwa Diyosezi ya Butare cyangwa ku Rwanda, cyangwa kuri Afurika yose. Nita ku Isi yose kandi ni yo ndimo kuganiriza."

Ingoro nshya i Philadelphia

Umuyobozi Mukuru wa CAMM, Mary Jo Timlin-Hoag yasobanuye ko iyi ngoro yubatswe ku bufatanye bwa Central Association of the Miraculous Medal, Martin de Porres Foundation, ndetse n'umuhanzi Martin Rambusch.

Yagize ati: "Ingoro ya Bikira Mariya w'i Kibeho yubatse mu buryo bwa bw'amabuye atatse neza. Imiterere ye n'imyanya y'amaboko byashushanyijwe hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe ku mabonekerwa ye i Kibeho. Twanashyizemo indabyo. Isura ya Bikiramariya w'i Kibeho iri kuri iyo shusho yateguwe na Martin de Porres Foundation ndetse na Martin Rambusch."

Iyi ngoro yubatswe ku nkunga ya Willa Stokes, umukirisitu Gatulika w'umwirabura wo muri Philadelphia. CAMM yatangaje ko: "Ishyirahamwe ryifuzaga gukoresha ayo mafaranga mu buryo bwo guha agaciro no kwizihiza umwihariko w'umwuka w'Abakirisitu Gatulika b'Abirabura mu Archidiyosezi ya Philadelphia, ndetse no kugaragaza ubumwe bw'Isi yose mu Kiliziya Gatulika mu buryo burambye kandi bugaragara."

Padiri John Kettelberger (CM) ushinzwe Ingoro ya Bazilika, yavuze ko iyi ngoro ari ahantu "abantu bashobora kubona Umubyeyi Bikira Mariya ubwabo."

Yongeyeho ati: "Bikiramariya yumva intimba z'abamugana bose, kandi aduhamagarira kuza mu maboko ye yuzuye urukundo."

Iyi ngoro nshya i Philadelphia itumira Abanyamerika bose gufatanya n'abavandimwe babo bo muri Afurika mu gusenga no mu kwiyegurira Bikiramariya w'i Kibeho, Umubyeyi uhuza Isi yose mu kwemera.

# Amateka yo Kubohora u Rwanda agiye gushyirwa mu ngoro yo kwibohora kw'Afurika

KAYITARE Jean Paul

***Inteko y'Umuco yatangaje ko amateka y'urugamba rwo kubohora u Rwanda agiye guhabwa umwanya mu Ngoro y'Umurage w'Amateka yo guharanira Ubwigenge bwa Afurika (Museum of African Libertion) irimo kubakwa i Harare mu Murwa mukuru wa Zimbabwe.***

Byagarutsweho ku wa Gatatu tariki 20 Kanama 2025, ubwo u Rwanda rwakiraga intumwa ziturutse mu gihugu cya Zimbabwe, mu Ngoro y'Umurage w'Amateka yo guharanira Ubwigenge bwa Afurika.

Inteko y'Umuco yatangaje ko intumwa eshanu zaturutse muri Zimbabwe, ziyobowe na Pritchard Zhou.

Umusaruro w'ibiganiro byahuje impande zombi, ni uko mu gihe cya vuba hazashyirwaho amasezerano y'imikoranire hagati y'Ingoro y'umurage yo muri Zimbabwe n'Inteko y'Umuco yo mu Rwanda.

Inteko y'Umuco yagize iti: "By'umwihariko hatangajwe ko u Rwanda ruzahabwa umwanya wo kumurikamo amateka y'Urugamba rwo Kubohora u Rwanda mu Ngoro y'Umurage w'Amateka yo guharanira Ubwigenge bwa Afurika, iri kubakwa i Harare mu murwa mukuru w'Igihugu cya Zimbabwe."

Umwe mu bakozi ba Inteko y'Umuco, yabwiye Imvaho Nshya ko impande zombi zitatangaje igihe amasezerano azashyirirwaho umukono ariko ko ari mu gihe cya vuba.

Izi ntumwa zasuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi ndetse zinasura Ingoro y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside, zisobanurirwa amateka y'u Rwanda mu buryo burambuye.

Intumwa za Zimbabwe zaturutse mu Ngoro y'Umurage w'Amateka yo guharanira Ubwigenge bwa Afurika (Museum of African Libertion), ziri mu Rwanda kuva tariki 18 Kanama 2025, zikaba zisoza uruzinduko rw'akazi kuri uyu wa Kane tariki 21.

U Rwanda na Zimbabwe ni ibihugu bifitanye umubano wihariye ushingiye ku kuba bihuje byinshi mu birebana n'ingano y'ubukungu, abaturage intera y'iterambere n'amateka.

Ibihugu byombi byashyizeho za Ambasade i Harare n'i Kigali mu mwaka wa 2019, mu rwego rwo kurushaho kwagura ubutwererane mu nzego zitandukanye.




Intumwa za Zimbabwe ziyobowe na Pritchard Zhou, zaganiriye n'ubuyobozi bw'Inteko y'Umuco





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Amadini n'amatorero si ay'ivugabutumwa gusa*

*R"oho nzima mu mubiri muzima" ni imvugo ikunze gukoreshwa mu gushimangira ko iyobokamana rikwiye rishoboka ku baturage bafite amagara mazima abatera gushima Imana bafite byinshi baheraho byo kuyishimira.*

*Iyobokamana ni igice cy'imibereho abahanga bahamya ko bigoye kucyigobotora, kuko umuntu ahorana icyuho cyo kumva akeneye imbaraga zimuruta yishingikirizaho, ari na yo mpamvu n'abatemera Imana n'imwe bishingikiriza ku mbaraga za siyansi.*

*Amadini n'amatorero yabereyeho guhuza abantu barenze umwe bahuje imyemerere ku buryo bahinduka umuryango mugari ushobora gushyigikirana mu byiza n'ibibi bitewe n'ibyo bahisemo.*

*U Rwanda ni igihugu giha ubwisanzure n'umudendezo wo guhitamo kuri buri Muturarwanda wese, ariko icyerekezo cy'Igihugu kikaba ugufatanya guharanira iterambere.*

*Ni muri urwo rwego amadini n'amatorero anyuranye ashimirwa uruhare agira mu iterambere ry'Igihugu no gushyigikira icyerekezo cyo kugera ku iterambere rirambye binyuze mu bikorwa by'uburezi, ubuvuzi, ubukungu n'ibindi.*

*Muri yo harimo amaze imyaka irenga 100 akorera mu Rwanda, bisobanuye ko afite umuzi mu mateka ya gikoloni yaje asimbura indi myemerere yahuzaga Abanyarwanda bari umuryango umwe ufite icyerekezo kimwe.*

*Mu kwigira ku mateka, imyemerere n'imitekerereze itandukanye yabaye umusingi wo kubaka iterambere ritagira n'umwe riheza buri wese agizemo uruhare. Amadini n'amatorero yagize uruhare ntagereranywa mu rugendo rwo kubaka Abanyarwanda no kubomora ibikomere, bikajyana na bya bikorwa bihindura imibereho y'abayoboke n'abaturage muri rusange.*

*Uretse isanamitima no komora ibikomere, amadini n'amatorero yagize uruhare mu, gufasha imfubyi n'abapfakazi, mu bikorwa byo kubaka ubumwe n'ubudaheranwa, kubanisha neza Umuryango nyarwanda n'ibindi.*

*Nubwo ibyo bishimangira urugero rw'ibyiza amadini n'amatorero yagiye ageza ku Banyarwanda, ni kenshi hagiye humbikana abakoresha ubwisanzure mu myemerere mu kunyunyuza imitsi y'abanyantege nke, kubizeza ibitangaza no kubahoza mu bukene butuma bahora ari abacakara b'amasezerano atazigera asohora.*

*Umusanzu w'amadini n'amatorero ntukwiye kugarukira gusa ku ivugabutumwa, ahubwo akwiye kuba umusemburo w'ibyiza bishingiye ku kubaka abayoboke bafite icyerekezo cyo guharanira iterambere ryabo n'iry'Igihugu, basigasira indangagaciro na kirazira bibungabunga umuryango mu binyejana byinshi.*

# Gupimisha byisumbuyeho ibinyabiziga bihumanya ikirere bigiye gutangira

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibidukikije (REMA) cyatangaje ko u Rwanda ruzatangira gupima imyotsi y'ibinyabiziga mu buryo bwisumbuyeho bizatangira ku mugaragaro ku wa Mbere, tariki 25 Kanama 2025, mu bukangurambaga bwo kurwanya ihumana ry'umwuka abantu bahumeka.***



Abatunze ibinyabiziga bazajya basaba umunsi wo gusuzumisha ibinyabiziga binyuze ku rubuga Irembo

Mu itangazo ryasohowe kuri uyu wa Kabiri, tariki ya 19 Kanama 2025, REMA yavuze ko ibinyabiziga byose bikoresha lisansi, mazutu n'ibikoresha lisansi n'amashanyarazi (hybrid) bizapimirwa imyotsi.

Abatunze ibinyabiziga bazajya basaba umunsi wo gusuzumisha ibinyabiziga binyuze mu rubuga lrembo nk'uko bisanzwe, bishyure ikiguzi cyo gusuzumisha ibijyanye na "mekanike" n'icyo gupimisha imyotsi.

Abatunze ibinyabiziga basabwe kujya babanza kwiyandikisha binyuze ku rubuga rwa Irembo.

Guverinoma y'u Rwanda tariki ya 31 Kamena 2025, yemeje iteka rya Minisitiri w'Ibidukikije rigamije kuzamura ireme ry'ubwiza bw'ikirere no kurinda ubuzima bw'abaturage.

Ibinyabiziga bikora ubucuruzi bizajya bipimwa kabiri mu mwaka, mu gihe ibikoreshwa n'umuntu ku giti cye bizajya bipimwa rimwe mu mwaka.

Gushyira ibikoresho bipima iyi myuka mu bigo bisanzwe bisuzuma imodoka byaratangiye, ku wa 24 Kamena, REMA, yatangaje ko ishyirwa mu bikorwa ry'iyo gahunda rizatangira mu gihe kitarenze ukwezi.

Amafaranga azishyurwa hakurikijwe ibyiciro by'ibinyabiziga

Gusaba gusuzumisha ikinyabiziga bizajya bikorerwa ku Irembo nk'uko bisanzwe ariko mu buryo bubiri, kuko umuntu uvuye gusuzumisha ikinyabiziga azajya ahabwa ibyemezo bibiri.

Moto izajya yishyura 16 638 Frw. Mu gihe itabashije kubona icyemezo kubera imyuka myinshi ihumanya, umuntu azaba yemerewe kujya gukosoza ibyo bibazo agasubira gupimisha mu byumweru bibiri uhereye igihe isuzuma ryabereye. Icyo gihe azajya yishyura 8 319 Frw.

Imodoka zakorewe gutwara abantu zitarengeje uburemere bwa toni eshatu n'igice kandi zifite imyanya itarenga umunani yo kwicarwamo, hatabariwemo uw'umuyobozi, zo zizajya zishyura 34 940 Frw.

Mu gihe ikinyabiziga kitabonye uruhushya, gisubirayo nyuma y'ibyumweru bibiri nyiracyo akishyura 17 470 Frw.

Imodoka itwara abantu bava ku icyenda kuzamura ariko itarengeje 18 hatabariwemo umuyobozi w'ikinyabiziga, itwara imizigo irengeje toni imwe n'igice ariko itarenze toni eshatu n'igice hamwe n'itwara imizigo iri hejuru ya toni eshatu n'igice ariko itarengeje toni eshanu yishyura 51 578 Frw. Iyo isubiye gukosoza yishyura 25 789 Frw.

Ibi ni kimwe no ku modoka itwara abantu barenga 18 kuzamura ariko itarengeje 30 hatabariwemo umuyobozi w'ikinyabiziga, itwara imizigo iri hejuru ya toni eshanu ariko itarengeje toni zirindwi, itwara abantu barenga 30 n'itwara imizigo ariko itarengeje toni eshanu yishyura 51 578 Frw. Iyo isubiye gukosoza yishyura 25 789 Frw.

Ibi ni kimwe no ku modoka itwara abantu barenga 18 kuzamura ariko itarengeje 30 hatabariwemo umuyobozi w'ikinyabiziga, itwara imizigo iri hejuru ya toni eshanu ariko itarengeje toni zirindwi, itwara abantu barenga 30 n'itwara imizigo irengeje toni zirindwi.

Ibindi binyabiziga bikoresha moteri bikora mu mirimo itandukanye bizajya byishyura 49 914 Frw, byajya gukosoza bikishyura 24 957 Frw.

Ayo mafaranga ni yo gusuzumisha imyuka, gusuzumisha ubuziranenge bw'ikinyabiziga bizakomeza kwishyurwa nk'uko bisanzwe.

Iyi gahunda izatangira gushyirwa mu bikorwa mu ntangiriro za Nzeri 2025.

Moto zihariye 47% mu binyabiziga bisohora imyuka ihumanya ikirere, bityo hashishikarizwa gukoresha moto zikoresha amashanyarazi.

# Abanyeshuri batsinze neza ibizamini bya Leta ugereranyije n'umwaka ushize-MINEDUC




Abanyeshuri basoje amashuri abanza n'icyiciro rusange cyayisumbuye batsinze neza ibizamini bya Leta

KAMALIZA Agnes

***Ku wa Kabiri, ubwo hatangazwaga amanota y'abakoze ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza (P6) n'icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye (S3), Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yatangaje ko ibyavuye mu bizamini bya Leta bw'umwaka w'amashuri 2024/25 bigaragaza ko abanyeshuri batsinze neza ugereranyije n'umwaka ushize wa 2023/24.***

Imibare ya MINEDUC igaragaza abanyeshuri biyandikishije gukora ibizamini bisoza amashuri abanza bari 201.900 abatsinze ari 16.633 bari ku kigero cya 75,64% by'abana bose bakoze ibizamini.

Imibare yatangajwe yerekana ko abakobwa batsinze ku kigero cya 53.2% mu gihe abahungu ari 46.8%.

Abakoze ibizamini bisoza icyciro rusange cy'ayisumbuye (O'Level) bangana na 148.702 barimo abatsinze 95.674 muri rusange bangana na 64,35%, aho abakobwa batsinze ari 50,2% mu gihe abahungu ari 49,8%.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) Dr. Bahati Bernard, yavuze ko muri rusange imitsindire muri uyu mwaka iri ku kigero cyo hejuru ugereranyije n'umwaka w'amashuri wa 2023/24.

Dr. Bahati avuga ko isesengura ryakozwe rigaragaza ko abana bakoze neza.

Ati: "Ufashe nk'umwaka ushize mu bizamini bya Leta iyo tuba twarabariye kuri 50% tukavuga duti abana batsinze ni abagize ayo ngayo y'impuzandengo y'ibizamini byose, umunyeshuri wari kuba wagize nibura impuzandengo ya 0 na 10% bari kuba ari 126 ariko uyu mwaka bavuye ku 126 bagera kuri 36, bivuze ngo umubare w'abanyeshuri bagize amanota make cyane waragabanyutse ugereranyije umwaka ushize."

Yongeyeho ko abari kugira hagati y'amanota 10 na 20 nabo bagabanyutse bava ku 1392 bagera kuri 64, mu gihe abari kugira amanota ari hagati ya 30 na 40 bari 45.148 umwaka ushize ariko muri uyu mwaka ari 10.416.

Yavuze kandi ko mu cyiciro gifatirwaho inota ry'abatsinze ugereranyije n'umwaka wabanje abanyeshuri bikubye hafi kabiri.

Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yagaragaje ko ikigambiriwe ari ukwimakaza ireme ry'uburezi bijyanye n'Icyerekezo 2050, abanyeshuri bagatsinda neza mu byiciro byose.

Yasabye abanyeshuri, ababyeyi n'abarezi gushyiramo imbaraga kugira ngo iyo ntego izagerweho. Ati: "Tugomba gushyiramo imbaraga ari abanyeshuri, abarimu, ababyeyi twese tugomba gukora ibishoboka byose kugira ngo bashobore kwiga."

Minisitiri Nsengimana yongeyeho ko bakwiye gutanga umusanzu kugira ngo abana bagire ubumenyi kuko ari byo bizatuma biteza imbere banateze imbere Igihugu.

Bamwe mu banyeshuri batsinze neza ibamini bya Leta bavuga ko babikesha kwigana umwete kandi bizeye ko inzozi zabo zizaba impamo bagakorera igihugu cyabo.

Ishimwe Keza Gerardine usoje amashuri abanza mu Karere ka Bugesera wagize amanota 98,8%, yagize ati:" Gutsinda neza mbikesha umwete niganye no kugira intego ko ngomba gutsinda."

Ihirwe Kanimba Honorette wigaga kuri New Vision Primary School mu Karere ka Huye, na we yagize ati: "Nakurikije inama z'abarimu kandi n'ababyeyi bahoraga bansaba kwiga cyane kugira ngo nzagere ku nzozi zanjye zo kuba umuganga ukomeye."

Nubwo aba banyeshuri batsinze neza, imibare ya MINEDUC igaragaza ko uko batsinze amasomo atandukanye hakiri icyuho mu mitsindire y'imibare cyane mu mashuri abanza kuko imibare iri ku kigero cya 27% mu gihe isomo rya Phyisics naryo riri hasi kuri 27.55%.

Ikinyarwanda abanyeshuri bagitsinze ku kigero cya 98%, Icyongereza 72%, Ubumenyi n'Ikoranabuhanga batsinda ku kigero cya 71% mu gihe ubumenyi rusange n'Iyobokamana babitsinze kuri 75%.

Ku ngingo ijyanye n'imitsindire mu bigo bya Leta n'iby'igenga, imitsindishirize y'ibigo bya Leta iracyari hasi ugereranyije n'ibyigenga.

Imibare igaragaza ko ibigo ibya Leta byatsinze ku kigero cya 65%, ibifashwa na Leta bitsinda ku kigero cya 63% mu gihe ibyigenga biza ku isonga ku kigero cya 77%.

Mu cyiciro rusange amasomo akiri ku kigero cyo hasi mu mitsindire imibare igaragaza ko isomo ry'ubugenge baritsinze ku kigero cya 27,5%, isomo ry'imibare baritsinda ku kigero 45,8%, Ibinyabuzima ku kigero cya 44,75%.

# Minisitiri w'Ingabo za Mozambique yasuye u Rwanda

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ingabo za Mozambique, Gen Maj Cristóvão Artur Chume, ari kumwe n'itsinda ry'abayobozi bakuru b'Ingabo na Polisi, bari mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda rugamije gushimangira ubufatanye bw'inzego z'umutekano hagati y'ibihugu byombi.***

Minisitiri w'Ingabo za Mozambique, Gen Maj Cristóvão Artur Chume, ari kumwe n'itsinda ry'abayobozi bakuru b'Ingabo na Polisi, bari mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda rugamije gushimangira ubufatanye bw'inzego z'umutekano hagati y'ibihugu byombi.

Minisitiri Chume yaherekejwe na Gen Maj André Rafael Mahunguane, Umugaba w'Ingabo za Mozambique, hamwe na CP Fabião Pedro Nhancololo, Umuyobozi Mukuru wa Polisi ishinzwe umutekano n'amategeko muri icyo gihugu.

Mu gitondo cyo kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 23 Kanama 2025, iri tsinda ryasuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kigali, ruri ku Gisozi, bashyira indabo ku mva rusange ndetse bibuka abasaga miliyoni 1 bazize Jenoside

Banasuye Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo Guhagarika Jenoside (Campaign against Genocide Museum), aho basobanuriwe amateka y'urugamba ingabo zahoze ari iza RPA Inkotanyi zarwanye zigahagarika Jenoside.

Uruzinduko rw'abo bayobozi rurakomeje, biteganyijwe ko basura icyicaro gikuru cy'Ingabo z'u Rwanda, mu rwego rwo kurushaho gushimangira ubufatanye bwa gisirikare hagati ya Mozambique n'u Rwanda, cyane cyane mu bikorwa byo kubungabunga amahoro n'umutekano.

Ingabo z'ibihugu byombi zisanzwe zifitanye umubano wihariye aho u Rwanda rwafashije mu buryo bufatika Mozambique guhangana n'ibyihebe byari byarayogoje abaturage mu Ntara ya Cabo Delgado kuri ubu ikaba itekanye.





# U Rwanda rwaburiye Loni ko RDC yayitura mu mutego w'ingengabitekerezo y'amacakubiri

ZIGAMA Theoneste

***Ambasaderi w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye (Loni), Martin Ngonga yamaganye ibirego bishinja u Rwanda gufasha umutwe wa M23, urwanira mu Burasirazuba bwa Congo (RDC) avuga ko nta shingiro bifite, kandi ko Loni nidashishoza ishobora kuzagwa mu mutego w'ingengabitekerezo y'amacakubiri ikomeje gukwirakwira mu Burasirazuba bwa RDC.***




Ambasaderi wu Rwanda uhoraho muri Loni Ngoga Martin, yaburiye Loni ku mutego ishobora kugwamo

Yabigarutseho ku wa Gatanu tariki ya 22 Kanama 2025, mu Nama y'Akanama ka Loni kigaga ku kibazo cy'umutekano muke uri mu Burasirazuba bwa RDC.

Yamaganye Raporo za Loni zishinja u Rwanda gukora na M23 ndetse n'ubwicanyi buvugwa bwakorewe abasivili muri Teritwari ya Fizi yo mu Burasizuba bwa Congo.

Yashimangiye ko izo Raporo za Loni nta shingiro zifite kuko zidatanga ibimenyetso bifatika, aho babogamiye ku ruhande rumwe.

Yagize ati: "Iyo Raporo igaragaza ko ifite amakuru y'iperereza yabonetse ku cyogajuru (Satellite) no kuri telefoni, ese kugenzura ubwoko bw'abantu na byo byakozwe n'icyo cyogajuru.

Iyi nama ishobora kugwa mu mutego, w'ingengabitekerezo y'amacakubiri iri mu Burasirazuba bwa RDC."

Amb. Ngonga yashimangiye ko u Rwanda rwiteguye gushyigikira Raporo zakorwa mu buryo butabogamye kugira ngo amakuru y'ibyabaye muri ubwo bwicanyi ashyirwe ahagaragara.

Iyo ntumwa y'u Rwanda yabajije Loni impamvu usanga hari imvugo ikoreshwa n'abitabiriye inama zayo, ngo 'umutwe wa M23 ushyigikiwe n'u Rwanda', ariko ntibakoreshe 'umutwe wa FDLR ushyigikiwe na RDC'.

Ati: "Ese ni ukubura ibimenyetso ko FDLR ikorana na RDC, ndabizi muhitamo imvugo mukoresha mu kazi kanyu, ariko nta mirongo migari yo kwemeranya ijambo.

Ese mwaba mwarabuze ibimenyetso, no muri raporo zanyu, ko Leta ya Kinshasa ikorana na FDLR, kubera iki mutabivuga uko biri?"

Amb. Ngonga yibukije Loni ko u Rwanda rushyigikiye byimazeyo amasezerano yagizwemo uruhare n'impande zitandukanye yo kugarura amahoro n'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC.

Ati: "U Rwanda rwongeye kwibutsa ko rushyigikiye ubushake bwo kugarura amahoro buriho, cyane cyane amasezerano ya Washington n'aya Doha. Kubona amahoro arambye bisaba kwiyemeza no kugira ubushake ku mpande zombie."

Yumvikanishije ko u Rwanda rushimira Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Qatar byagize uruhare rufatika kugira ngo ayo masezerano abe ageze aho atanga icyizere cy'amahoro arambye mu Burasizuba bwa RDC no mu Karere k'Ibiyaga Bigari muri rusange.

Amb. Ngonga yibukije ko kuba Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo yagira amahoro ari ingenzi ku Rwanda kuko bituma na rwo rutekana.

Ku wa Gatanu tariki ya 22 Kanama 2025, nabwo Guverinoma y'u Rwanda yamaganye Raporo ya Komisiyo y'Ishami rya Loni rishinzwe Uburenganzira bwa Muntu (OHCHR) n'Ihuriro rya Loni rishinzwe Uburenganzira bwa Muntu (UNJHRO) bashinje Ingabo z'u Rwanda gufatanya na M23 mu kugira uruhare mu bwicanyi bw'abasivile muri Teritwari ya Binza muri Rutshuru.

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga (MINAFFET) yavuze ko ibyo birego bidafite inshingiro n'igihamya ndetse ko uyu muryango ubwawo watangaje ko nta bimenyetso ufite bihagije kuri ubwo bwicanyi.

Iyo Minisiteri yakomeje ivuga ko ibirego bikomeje bya HCR nk'ibyo bya UNJHRO na DHCHR bidafite ishingiro kandi nta bimenyetso.

MINAFFET yibukije ko HCR yiyemereye ko ubwayo itigeze ibasha kugenzura iby'ubwo bwicanyi bwakorewe abasivili b'Abahutu muri icyo gihe kigera ku by'umweru bibiri."

Yerakanye ko ibyo birego bidasobanutse bishobora kubangamira inzira y'amahoro mu Karere aho kuba igisubizo.

U Rwanda rwongeye gushimangira ko Umuryango wa HRW umaze igihe ushinja u Rwanda ibinyoma rugaragaza ko ibyo birego bije mu gihe RDC na AFC/M23 bihanganye byitegura gusubira mu biganiro ndetse hari gushyirwa mu bikorwa amasezerano y'amahoro yashyizweho umukono ku wa 27 Kamena 2025 hagati y'u Rwanda na RDC.

# Life Holistic Ltd yegereje ikinyobwa cy'Uruvange abo mu Ntara y'Iburasirazuba

KAYITARE Jean Paul

***Uruvange ni ikinyobwa gikomeje kunyobwa n'abitabira imurikagurisha (Expo) ryateguwe n'Urugaga rw'Abikorera ku bufatanye n'Intara y'Iburasirazuba. Life Holistic Ltd ifite uruganda rukora Uruvange itangaza ko kwitabira Expo bigamije kwegereza abakiliya ikinyobwa cyarwo.***



Uruvange rupfunyitse mu dukaneti n'amacupa byujuje ubuziranenge

Ni umurikagurisha ryatangiye ku itariki 18 Kanama 2025, ririmo kubera ku kibuga cy'umupira cya Rwamagana inyuma y'icyicaro cya polisi y'Intara y'Iburasirazuba.

Bamwe mu bitabiriye iri murikagurisha, bambwiye Imvaho Nshya ko banyuzwe n'ikinyobwa cy'Uruvange.

Kamushana Frank waturutse mu Karere ka Kayonza avuga ko Uruvange atari aruzi ahubwo yarwumvaga gusa.

Yagize ati: "Uruvange narwumvaga gusa ariko numvise rumaze neza urarunywa ukamva rukugeze ku nyota. Narunyweyeho bwa mbere kandi ndumva rudasindisha ahubwo wagira ngo rwoza mu nda."

Ibi abihuriraho na Abijuru Annonce aho avuga ko yaruranguye bityo ko agiye kurwongera mu byo asanzwe acuruza mu iduka rye mu Karere ka Ngoma.

Manasseh Uzabakiriho, Umunyamabanga Uhoraho muri Life Holistic Ltd, asobanura ko Uruvange rukorwa mu kimera cya tangawizi, igisura, rumari, icyayi n'isukari.

Avuga ko Uruvange rufite umumaro mwinshi ku buzima bw'abantu by'umwihariko rufasha mu igogora, kongera imbaraga, kuvura umunaniro ndetse ngo ni n'ikinyobwa kimara inyota.

Uruganda rukora Uruvange ruherereye mu Murenge wa Rugaragama mu Karere ka Gatsibo mu Ntara y'Iburasirazuba.

Uzabakiriho yabwiye Imvaho Nshya ko uruganda rukora 'Uruvange' rwitabiriye imurikagurisha ryateguwe n'Urugaga rw'Abikorera mu Ntara y'Iburasirazuba, rugamije kwegera abakiriya barwo.

Uzabakiriho avuga ko imurikagurisha baryungukiramo byinshi birimo no gutuma uruganda rukora Uruvange rurushaho kumenyekana.

Ati: "Expo tuyungukiramo byinshi kuko hageramo benshi, ituma tumenyekana."

Avuga ko ababagana babasobanurira ibyo ikinyobwa gikozemo, nyuma bakagenda bagikunze.

Yagize ati: "Uretse ko tunacuruza, aba ari umwanya mwiza wo kugira ngo abakiriya babone serivisi zacu."

Abantu batugana muri iri murikagurisha, baraza bakagura, bakanywa tukabona amafaranga, bitandukanye n'uko twakomeza kwicara i Gatsibo."

Amateka y'Uruganda rukora Uruvange

Life Holistic Ltd ifite uruganda rukora Uruvange, ikorera mu Murenge wa Rugama mu Karere ka Gatsibo, ku muhanda uva Kayonza werekeza Nyagatare.

Uzabakiriho avuga ko uruganda rwatangiye mu 2018 mu buryo bugoranye nta bikoresho bigezweho rufite.

Uko imyaka yagiye igenda, uruganda rwaje gukoresha amakaneti atumizwa mu Bushinwa ndetse n'amacupa y'ibirahuri nk'uko bigenwa n'amabwiriza y'ubuziranenge.

Batumiza bwa mbere amakaneti, avuga ko byaragoranye ariko bakagobokwa na Leta.

KOMEZA KU RUP.11



Iguriro Uruvange One Stop Shop riherereye ku muhanda Kayonza Nyagatare mu Murenge wa Rugarama mu Karere ka Gatsibo





# Life Holistic Ltd yegereje ikinyobwa cy'Uruvange abo mu Ntara y'Iburasirazuba

IBIKURIKIRA URUP.10

Ati: "Leta yahise itworohereza inadusonera umusoro nyongeragaciro (TVA) n'ibindi kugira ngo mu by'ukuri nk'uko biri muri Politiki za Leta, ba rwiyemezamirimo boroherezwe."

Avuga ko imbogamizi zigihari, ari uko amadolari agenda ahenda kandi ibyo batumiza hanze bigomba kwishyurwa mu madolari.

Uruganda rwariyubatse kuko rukoresha abakozi 33 barimo abagore 18 mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uburinganire.

Igihozo Carine, umukozi ushinzwe gucunga ububiko bw'ibikoresho bya kampani Life Holistic Ltd ikora ikinyobwa cy'Uruvange, avuga ko hari byinshi amaze kugeraho mu myaka 3 abifashijwemo n'umushahara avana muri Life Holistic Ltd.

Ati: "Nkurikije akazi nkora, nabashije kwibeshaho, niyishyurira n'amashuri icyiciro narinsigaje. Niyishyurira buri kimwe cyose ntarinze gusaba ababyeyi cyangwa undi wese."

Mu buhamya bwe, avuga ko ubuzima bwe bufashwe neza nk'abandi bakozi bose bakorera mu ruganda rw'Uruvange, kuko bishyurirwa ubwishingizi n'ubwiteganyirize.

Yavuze ati: "Ku giti cyanjye nta kibazo na kimwe ngira kuko banyishyurira imisanzu yose n'ibiruhuko turabihabwa."

Bitewe n'ibihe by'akazi kenshi, ubuyobozi bw'uruganda rukora Uruvange bwabwiye Imvaho Nshya ko bukoresha n'abakozi ba nyakabyizi.

Life Holistic Ltd ifite serivisi zitandukanye, aho mu kwezi kwa Mutarama 2025, yatangije 'Uruvange One Stop Shop'.

Uzabakiriho akomeza avuga ati: "Twaraguye, aho twarebye tukavuga tuti reka turebe aho abantu bashobora no kuruhukira.

Dufite amacumbi agezweho, resitora, iguriro ry'icyayi cy'ikawa (Coffee Shop), iguriro ry'ibiribwa n'ibinyobwa (Alimentation), tente nini n'ubusitani bushobora kwakira abantu 600 hakiyongeraho serivisi za Sauna na Massage."

Uruganda rw'Uruvange rwatanze akazi ku batuye mu Murenge wa Rugarama.

Ubuyobozi bw'uruganda buvuga ko "Abaturage baturiye uruganda babona akazi kandi biranakomeje kuko uko iminsi ishira tubona bigenda byiyongera, tuzakomeza kugenda tubaha akazi."

Life Holistic Ltd yitabira gahunda za Leta kuko ngo igira uruhare mu kwishyurira abaturage mituweli.

Buri mwaka Life Holistic Ltd irashimirwa

Umunyamabanga Uhoraho w'uruganda rw'Uruvange, Manasseh Uzabakiriho, yahamirije Imvaho Nshya buri mwaka bashimirwa kandi bagatwara n'ibihembo by'abasora beza bitangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (RRA).

Uruganda kandi runashimirwa n'Urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'igihugu, Intara ndetse no mu Karere ka Gatsibo biturutse ku kwitabira gahunda z'ibikorwa by'imurikagurisha no kumenyekanisha ibyo rukora.

Ikinyobwa cy'Uruvange cyageze mu Rwanda hose

Uzabakiriho ahamya ko ububiko bunini bw'ikinyobwa cy'Uruvange buri mu Mujyi wa Kigali akizera ko no mu Karere ka Rubavu, Rusizi n'ahandi Uruvange ruhari.

Ati: "Iyo tugiyeyo turabaza tukarubona ndetse tujya tunahamagarwa n'abakiriya barwo bo muri ibyo bice ariko barurangura i Kigali.



Uruvange ni ikinyobwa gifatwa nk'umuti w'icyaka kandi ugafasha mu igogora 2



Ikinyobwa cy'Uruvange cyegerejwe abakomeje kwitabira imurikagurisha ririmo kubera mu Ntara y'Iburasirazuba


Uzabakiriho Manasseh, Umunyamabanga Uhoraho wa Life Holistic Ltd uruganda rukora ikinyobwa cyUruvange

Dufite gahunda yo kwagura naho tukajya tugerayo tukorohereza abarangura banini baho kugira ngo Uruvange rugere ku bantu benshi."

Ubuyobozi bwa Life Holistic Ltd bushimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame uburyo yatumye igihugu gishobora korohereza abikorera.

Ibi ngo biri muri bimwe bikomeje kubasunikira kongera ingano y'ikinyobwa cy'Uruvange kugira ngo gishobore kugezwa ku isoko mpuzamahanga.

Ati: "Turigushyiraho ingamba zo kongera ibicuruzwa ku buryo nyuma yo guhaza u Rwanda, tuzambuka tukajya no mu bind ibihugu bidukikije kuko twabimenyeshejwe ko inzira zoroshye."

Ikinyobwa cy'Uruvange kigizwe n'umusemburo wa 1.8% bivuze ko n'usanzwe atanywa inzoga na we yarunywa kuko ngo umusemburo urimo no mu bushera wawusangamo.

# U Rwanda n'u Buyapani byiyemeje kwagura ubutwererane




Guverinoma y'u Rwanda niyu Buyapani zaganiriye ku ngamba zo gukomeza no kwagura ubufatanye

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma y'u Rwanda n'iy'u Buyapani zaganiriye ku ngamba zo gukomeza no kwagura ubufatanye bw'ibihugu byombi, mu rwego rwo gushimangira ubufatanye mu bya dipolomasi, ubukungu n'umutekano.***

Ni ibiganiro byagarursweho na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Buyapani Takeshi Iwaya, ubwo bahuriraga mu Nama Mpuzamahanga ya Tokyo yiga ku Iterambere rya Afurika (TICAD 9) yatangiye ku wa 20 Kanama 2025.

Minisitiri Iwaya yahaye ikaze Nduhungirehe amwibutsa ko yakuriye mu Buyapani bityo akaba afitanye n'icyo gihugu imikoranire yihariye.

Yanashimangiye ko amasezerano y'amahoro hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo afite akamaro, agaragaza ko ari ngombwa ko impande zose zayashyizeho umukono ziyubahiriza.

Takeshi Iwaya yavuze ko u Buyapani bwatanze inkunga y'ibiribwa bwo kugoboka impunzi zagizweho ingaruka n'ibibazo by'umutekano mu Karere, bubinyujije mu Kigo Mpuzamahanga cyita ku biribwa cya WFP, hagamijwe guhanga n'ibibazo bigaragara mu Karere k'Ibiyaga bigari kandi bazakomeza guharanira ko kagira umutekano uhamye.

Yakomeje avuga ko ako Karere gakeneye amahoro kandi ko ari ingenzi mu gufasha ibikorwa by'ubucuruzi u Buyapani bwakorana n'u Rwanda.

Minisitiri Iwaya yavuze Ko u Buyapani buzakomeza gushyigikira ibikorwa bigamije kugarura ituze no gukemura amakimbirane bigizwemo uruhare n'abaturaga akarere ubwabo.

Yanagarutse ku kamaro k'amahoro n'umutekano mu koroshya ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda.

Nduhungirehe yamubwiye ko ashimira u Buyapani ku nkunga butera ibikorwa by'ubutabazi, ashimangira ko azakomeza guharanira ubwo butwererane by'umwiharimo mu rwego rw'ubukungu.

Abo ba Minisitiri bombi bagaragaje ko Isi irimo guhura n'ibibazo by'umutekano birimo ibiterwa na politiki yashyizweho na Korea ya Ruguru, iby'ingufu za kirimbuzi n'ibitwaro bya misile.

Ku ruhande rwe, Minisitiri Nduhungirehe yashimiye u Buyapani ku bufatanye bwabwo muri gahunda za TICAD, anagaragaza ko yifuza kurushaho kongera ubufatanye hagati y'u Buyapani n'Afurika, cyane cyane mu bikorwa bigamije amahoro n'umutekano mu karere.

Abaminisitiri bombi banaganiriye ku bibazo mpuzamahanga binyuranye, birimo politiki zijyanye na Koreya ya Ruguru (harimo ikibazo cy'ibisasu bya kirimbuzi n'ibyoherezwa mu kirere, ndetse n'ikibazo cy'abantu bashimuswe), ndetse no ku mpinduka z'Akanama k'Umutekano ka Loni. Bemeranyije gukorana bya hafi mu gushaka ibisubizo by'izo ngingo.

# Gusura igicumbi cy'Intwari byasigiye umukoro urubyiruko rwa 'Never Again Rwanda'

KAMALIZA Agnes

***Bamwe mu rubyiruko rugize Umuryango 'Never Again Rwanda', ugamije kubaka amahoro arambye bagaragaje ko gusura Igicumbi cy'Intwari z'u Rwanda bitumye bosobanukirwa amateka bajyaga basoma mu bitabo ndetse bakaba bacyuye umuhigo wo kugera ikirenge mu cy'Intwari zababanjirije.***

Ni ibyagarutsweho kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 22 Kanama 2025, ubwo urubyiruko rw'uwo muryango rukabakaba 200 rwasuraga Igicumbi cy'Intwari giherereye i Remera mu Mujyi wa Kigali.

Bamwe mu baganiriye na Imvaho Nshya bagaragaje ko gusura icyo gicumbi byatumye babiha agaciro gatandukanye nako babihaga mbere yo kuhigerera kuko basobanukiwe ko na bo bakora ibikorwa by'ubutwari bahereye ku bikorwa bito, bakanabishishikariza bagenzi babo.

Amani Esther yagize ati: "Mpereye kuri Uwiringiyimana Agatha hari ukuntu najyaga mwiga mu ishuri ariko simbihe uburemere cyane nkuko nabyiboneye kandi yagize uruhare rurnini mu guteza imbere umugore. Nahise numva ko nanjye mfite agaciro, imbaraga n'ubushobozi kandi ndumva nifuza kuzahabwa ishimwe nk'Intwari y'Igihugu."

Iraguha Ishimwe Ornella na we ati: "Sinumvaga ko mu banyeshuri b'i Nyange hari abakiriho! Nanabonye ko kuba Intwari bidasaba kujya ku rugamba ngo ndasane ahubvwo ari ugukora ibikorwa bifitiye abandi akamaro."



Gusura Igicumbi cy'Intwari byatumye basobanukirwa amateka bajyaga basoma mu bitabo

Umuyobozi Uhuza Ibikorwa by'Urubyiruko muri 'Never Again Rwanda', Akaliza Martine avuga ko intego bafite ari iyo gutuma urubyiruko rumenya amateka kandi rukiga hagamijwe kubaka u Rwanda rw'ejo.

Ati: "Twagiye dusura Inzibutso zitandukanye, ubu icyo turi gukora ni ugusura ibicumbi by'intwari kugira ngo twige kuko utameya iyo ava ntamenya iyo ajya."

Yongeyeho ko gusura bifasha ababyiga mu mashuri kuko bituma bibonera imbonankubone ibimenyetso bifatika atari ukubisoma mu bitabo.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ubukangurambaga no kubungabunga ibicumbi by'Intwari mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari, Imidali n'Impeta by'Ishimwe,(CHENO) Ntagungira Cyprien, yagaragaje ko urubyiruko rufitiwe icyizere cyane ko ari zo Ntwari z'ejo kandi bigaragarira mu nyota bafitiye kumenya amateka na bimwe mu bikorwa bigaragarira amaso.

Ntagungira avuga ko urubyiruko rwihariye 85% by'abasura, ibyo bikaba bitanga icyizere ko ubutumwa batanga bugera henshi.

Ati:" Ntidushidikanya kuko ibyo baba bigiye aha n'izindi nzira ducamo dukora ubukangurambaga bizatuma tubona bakora ibikorwa by'indashyikirwa. Urubyiruko rurahuze ariko abagera aha batubere urugero rwiza rwo guhindura abandi."

Yasabye ababyeyi n'abandi bahura n'urubyiruko kubatoza ibikorwa by'ubutwari kuko butavukanwa, ahubwo butozwa kandi bugaharanirwa.

Intwari z'u Rwanda ziri mu byiciro bitatu ari byo Imanzi, Imena n'Ingenzi.

Mu Imanzi harimo Fred Rwigema n'Umusirikare utazwi. Imena harimo Umwami Mutara III Rudahigwa, Rwagasana Michel, Uwilingiyimana Agatha, Niyitegeka Félicité n' abanyeshuri b'i Nyange.

Icyicro cy'intwari z'Ingenzi, nta ntwari irashyirwamo kuko hagikorwa ubushakashatsi.





# Rutsiro: Bafite akanyamuneza baterwa n'amazi meza bahawe

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage bo mu Murenge wa Murunda, Akagari ka Mburamazi, Umudugudu wa Murunda bavuga ko bishimira amazi baherutse guhabwa bagaragaza ko bisigaye byarabirinze kuvoma amazi mabi no gukoresha ibirohwa.***

Bagaragaza ko kandi hari ubwo abana babo basibaga ishuri kubera ko bagiye gushaka amazi ariko ubu bakaba biga neza.

Uwitwa Nyirabizimana Eugenie, yagize ati: "Ikibazo cy'amazi hano cyari kimaze imyaka myinshi ariko ubu cyavugutiwe umuti. Twajyaga kuvoma iyo epfo munsi y'umuhanda tukayazana twananiwe kubera ko harazamuka cyane kubera umusozi, imvura yaba yaguye akaba mabi tukabura amazi cyangwa tugapfa gukoresha ibirohwa."

Yakomeje agira ati: "Hari ubwo noherezaga umwana ngo ajye kuvoma yagerayo yasangayo abantu benshi bigatuma atinda, ugasanga rimwe na rimwe asibye ishuri. Ariko ubu turashima Leta yacu yumvise ijwi ryacu ikayaduha hafi. Ubu njyayo, n'umwana akajyayo ntibidutware n'iminota itatu kuko ni hafi cyane."

Hategekimana Veronica we yagize ati: "Imana yaduhaye amazi yarakoze cyane. Mbere byari bigoye ko tumesa twisanzuye, kuko umuntu yabaga atinya ko ashobora kuyakoresha kubona andi bikagorana gusa ubu iminota itatu mba mvomye."



Kwegerezwa amazi byabarinze kuvoma ibirohwa

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Murunda, Mukamana Jeannette yabwiye Imvaho Nshya ko abo baturage bahawe amazi koko kandi ko n'ahandi muri uwo Murenge hataragera amazi bari gukora uko bashoboye ngo abagereho nk'uko biri muri gahunda ya Leta yo kugeza amazi ku baturage bose.

Yagize ati: "Mu by'ukuri ikibazo cy'amazi kuri abo baturage cyari gisanzwe kizwi kuko bavomeraga ku miyoboro isa n'aho ishaje bigatuma habaho ibura ry'amazi rya hato na hato nyuma y'aho rero tumaze kubona ko abaturage babura amazi mu buryo busa n'aho bwahoragaho, habayeho kuvugurura iyo miyoboro kugira ngo bajye babona amazi mu buryo buhoraho kandi si igikorwa gihagaze."

Kajabo Sylvator Umukozi wa WASAC mu Karere ka Rutsiro, yabwiye Imvaho Nshya ko abo baturage bahawe amazi kandi ko ibikorwa bikomeje kugira ngo n'ahandi ahagere, yemeza ko kugeza ubu muri ako Karere bageze ku kigero cya 67% mu ngo zifite amazi meza.

Yagize ati: "Ni byo abo baturage babonye amazi kandi umuyoboro wa Nganzo Nyamaraba wari usanzwe ubaha amazi wari ushaje, ubu rero imirimo yo kuwuvugurura igeze kure, hongerwamo ibigega bishyashya kugira ngo bakomeze babone amazi meza."

Usibye uwo muyoboro wa Nganzo Nyamaraba urimo kuvugururwa muri uwo Murenge wa Murunda, Kajabo Sylvator yabwiye Imvaho Nshya ko biteze andi mazi azaturuka mu Karere ka Karongi, nayo azahabwa abaturage bo muri uwo Murenge mu bice bifite amazi make kugeza ubu.

# Nyamasheke: Inkuba yakubise abantu 8 inatwika kashipawa 7

BAHUWIYONGERA SYLVESTRE

***Mugitondo cyo ku wa 18 Kanama 2025, inkuba yakubise abaturage 8 bo mu ngo 4 zinyuranye bo mu Mudugudu wa Gatagara, Akagari ka Jurwe, Umurenge wa Rangiro,akarere ka Nyamasheke, inatwika kashipawa (cashpower) 7 muri uwo Mudugudu, ku bw'amahirwe ntihagira uhasiga ubuzima.***

Umuturage wo muri uwo Mudugudu wavuganye na Imvaho Nshya, yavuze ko hari mu ma saa kumi n'ebyiri n'iminota 40 z'igitondo yumva induru ko hari abakubiswe n'inkuba.

Ati: "Igikuba cyabaye nk'igicitse mu Mudugudu kuko uretse uwo mukecuru, yanakubise abandi barimo abana bato, twumva ngo umugore witwa Nyiranzahabwanimana Rosette imubabuye umubiri guhera mu rukenyerero kugeza ku birenge, abandi bavuga ko baribwa umujtwe cyane, twumva birayoberanye ni bwo twahamagaraga abayobozi."

Mugenzi we yabwiye Imvaho Nshya ko iyo nkuba yanakubise kashipawa, umuriro uhita ubura mu Mudugudu wose.

Ati: "Byasabye ko abayobozi baza kuduhumuriza, gusa n'abacitsemo igikuba kuko imvura yari yaraye igwa ubyutse ngo ayigendemo ajye mu kazi akumva ngo ku muturanyi we inkuba yahakubise, abandi bakabona kashipawa zabo zahiye."

Bashima imbaraga zashyizwemo n'abayobozi babo ngo bitabweho, abatakaga bajyanwa ku ivuriro ry'ibanze rya Jurwe, abaganga bo ku kigo nderabuzima cya Rangiro baza kubitaho, baravurwa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rangiro, Uwizeyimana Emmanuel, yabwiye Imvaho Nshya ko abakubiswe n'inkuba ari 8 bo mu ngo zinyuranye, mu Mudugudu wa Gatagara.

Barimo umukecuru w'imyaka 60, abagore 3 barimo uw'imyaka 30, uwa 37 n'uwa 42, umugabo w'imyaka 35 n'abana 3 barimo uw'imyaka 5, uw'irindwi n'uw'imyaka 9.

Ati: "Byari mu ma saa kumi n'ebyiri n'iminota 40 z'igitondo babyutse bamwe bari kureka amazi. Abo byagaragaraga ko bari bameze nabi ni umukecuru w'imyaka 60 watakaga cyane umutwe, bigeraho no kuvuga biranga, n'umugore w'imyaka 30, abandi wabonaga ari nk'ihungabana gusa bagize."

Uwizeyimana yavuze ko bitaweho n'abaforomo baturutse ku kigo nderabuzima cya Rangiro bose bakaba batashye, bameze neza.

Yanavuze ko ako Kagari ari agace kiganjemo inkuba cyane, mu nama n'abaturage yakurikiyeho yo kubahumuriza, haganiriwe ku buryo buri rugo rwagira umurindankuba kimwe n'ahahurira abantu benshi nko mu nsengero, mu mashuri n'ahandi.

Ku bufatanye na REG, hagiye gushakishwa uburyo izo kashipawa zahiye zisimbuzwa, anasaba abaturage bagakangurirwa gukurikiza amabwiriza yo kwirinda inkuba.



Inkuba yakubise abantu 8 umwe ahita ahasiga ubuzima

# Nyagatare: Hafunguwe ikigo gifasha abahinzi kubona imashini zihinga

HITIMANA Servand

***Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi MINAGRI, itangaza ko hakenewe umusanzu w'abikorera mu kongera umubare w'imashini zifashishwa mu buhinzi, hagamijwe gukomeza ingamba zo kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi.***

Ibi byagarutsweho ku wa Kane tariki 21 Kanama ubwo mu Karere ka Nyagatare hafungurwaga ku mugaragaro Ikigo gifasha abahinzi kubona no gukoresha imashini zihinga (Mechanization Hub).

"Ni uburyo bufasha uyikeneye ubuhinzi bukoresha amaboko. Twari tugifite icyuho mu kugira izi mashini zihagije no kuzegereza abazikenera. Twafashe ingamba zo gukorana n'abikorera kugira ngo ubu buryo bwo gukoresha imishani mu buhinzi buzamuke,uyikeneye ayibone bityo byihutishe ubuhinzi ku butaka bugari n'umusaruro twifuza tuzawugereho."

Abatuye i Nyagatare by'umwihariko abahinzi-borozi, bavuga ko ubuke bw'imashini nk'izi bwagiraga ingaruka ku bikorwa bakora.

Rutagengwa Antony utuye mu Kagari ka Rutaraka yagize ati: "Murabizi ko ibikorwa by'ubuhinzi mu gace runaka



Nyagatare hatangijwe ikigo cy'imashini zihinga

agahuzwa n'abazifite ndetse hakanatangwa amahugurwa ajyanye n'uburyo bwo kuzikoresha.

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, ivuga ko imashini zifashishwa mu buhinzi zidahagije kuko kugeza ubu mu Rwanda zitaregera no kuri 250.

Umunyamabanga wa Leta muri iyo Minisiteri, Dr Telesphore Ndabamenye, yavuze ko hari ingamba zafashwe zirimo gukorana n'abafatanyabikorwa.

Yagize ati: "Uburyo bwo gukoresha imashini butanga umusaruro wikubye kenshi bukorerwa rimwe. Inaha turacyafite ubutaka bugari umuntu akoreraho umushinga w'ubuhinzi bufatika, kutagira aho wakura imashini rero byatudindizaga kuko washakaga imashini ugasanga abandi barayifashe bityo bikaba byagukereza."

Akomeza agira ati"Turashima iki kigo cyatangije uburyo buhoraho bwo kuba umuhinzi yabona imashini igihe ayikeneye.

Dufite icyizere ko uko imashini ziboneka ari nako n'ibiciro twazikodeshaga bizagabanyuka kuko guhurira kuri imwe turi benshi byashoboraga gutuma ihabwa utanga menshi."

Abahinzi- borozi basabwa gukoresha ayo mahirwe bakazamura ubuhinzi bwabo, bakihaza bakaniteza imbere.

Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba Pudence Rubingisa, yagize ati: "Abaturage bacu rero turabasaba gukoresha aya mahirwe bakavugurura ubuhinzi bwabo, bagahinga kwihaza mu biribwa bagasagurira amasoko bityo bakinjiza amafaranga bakiteza Imbere.

Ubuyobozi natwe Dufite inshingano yo gukomeza kubaba hafi tukabaha inama ahari inzitizi mu bikorwa byabo nazo zigashakirwa umuti dufatshijwe n'abatekinisiye mu buhinzi bari hirya no hino mu Turere n'Imirenge."

Imibare igaragaza ko hafi 60% by'abatuye Akarere ka Nyagatare bakora umwuga w'ubuhinzi, mu gihe hafi 30% batunzwe n'ibikorwa by'ubworozi.

Gusa aborozi ubu batangiye gushyira mu bikorwa gahunda yo guhinga 70% by'inzuri zabo, ibituma umubare w'abakenera imashini zihinga muri aka Karere wiyongera.

Mu Karere ka Nyagatare, hegitari ibihumbi birindwi mu zirenga ibihumbi 83 zihingwa muri ako Karere, ni zo zonyine zihingwa hifashishijwe imashini.

Uretse i Nyagatare, Ikigo nk'iki mu mwaka ushize cyafunguye imiryango mu Karere ka Kayonza.

Uretse ab'i Nyagatare, iki kigo kizanafasha abatuye mu tundi Turere turimo n'aka Gatsibo kubona imashini zihinga.

Umwaka ushize, imashini nk'izi 15 z'Ikigo Mechanization Hub zafashije abahinzi barenga ibihumbi bitandatu mu Karere Ka Kayonza, bahinga ku buso bwa hegitari ibihumbi bitatu.

# Musanze: Biteze agatubutse ku Kwita Izina byaherukaga mu 2023

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu bice bitandukanye by'Akarere ka Musanze, barimbanyije imyiteguro igamije kubyaza umusaruro ibirori byo Kwita Izina abana b'ingagi byaherukaga mu myaka ibiri ishize.***

Uwo muhango ngarukamwaka umaze imyaka 20 ukorwa kuva mu 2005, uteganyijwe kuba ku wa 5 Nzeri 2025, aho abaturage n'abayobozi bakomeje inyiteguro yo kwakira abashyitsi bazaturuka mu bice bitandukanye ku Isi.

Uyu mwaka biteganyijwe ko hazitwa abana b'ingagi 40 barimo n'abavutse mu mwaka ushize wa 2024.

.Abashyitsi bagera ku barenga ibihumbi 20 baturutse mu Rwanda no mu mahanga ni bo bategerejwe kwitabira, barimo abakerarugendo, abashoramari, abahanzi n'abanyamakuru.

Abaturage, abikorera ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye bavuga ko biteze kungukira cyane muri uyu munsi udasanzwe wimakaza ubukerarugendo no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.

Abanyabukorikori bo mu Mujyi wa Musanze bavuga ko biteguye kumurika ibihangano byabo byiganjemo ibikoresho by'ubugeni, imyambaro gakondo n'ibikoresho bigaragaza umuco nyarwanda.

Murekatete Alphonsine, umwe mu banyabukorikori bo mu murenge wa Kinigi, yagize ati: "Kwita Izina ni amahirwe adasanzwe. Abashyitsi baturutse hirya no hino bazatuma ibihangano byacu bigira agaciro kanini kandi tubone isoko rishya, kuko abazungu bakunda imitako yacu dukora hano mu Rwanda."

Abacuruzi na bo bavuga ko biteze byinshi ku rujya n'uruza ruzaba ruri mu Mujyi wa Musanze guhera ku mugoroba wo ku wa 4 Nzeri.

Hakizimana Jean Damascène, ufite akabari na resitora, yagize ati: "Turimo kwitegura cyane, dusukura aho dukorera aho barira, mu bikoni ndetse twakoze n'igenamigambi y'ibyo tuzategura bikunzwe n'abantu benshi harimo ibiribwa n'ibinyobwa. Abafite amaduka na bo bari mu myiteguro kuko tuzi ko abashyitsi bazaba benshi, muri uyu mujyi. Uyu munsi ni isoko ridusanga aho turi."

Abafite za Hoteli n'amavumbi na bo bavuga ko bakomeje gutegura gahunda yihariye yo kwakira abashyitsi bazaba babaye benshi kandi ngo hari abatangiye gufata ibyumba.

Umwe mu bashinzwe kwakira abashyitsi muri imwe muri hoteli zikomeye i Musanze, yagize ati: "Abakozi bacu bahawe amahugurwa mashya yo kunoza serivisi. Turashaka ko abashyitsi bazagenda bishimira uburyo Musanze yakiriye neza abashyitsi."

Yakomeje ahamya ko ibyumba biri hejuru ya 60% nyamaze gufatwa n'abakiriya b'imbere mu gihugu ndetse n'abanyamahanga.

Barishimira n'umusaruro w'amadovize yinjizwa n'ingagi

KOMEZA KU RUP.15





## Musanze: Biteze agatubutse ku Kwita Izina byaherukaga mu 2023

IBIKURIKIRA URUP.14

Buri mwaka, 10% by'amafaranga ava mu bukerarugendo bw'ingagi asubizwa abaturage baturiye pariki y'Igihugu y'Ibirunga.

Aya mafaranga amaze kubaka amashuri, amavuriro, amazi meza ndetse no gufasha abaturage mu mishinga y'iterambere.



Abana b'ingagi 40 bazitwa amazina ku nshuro ya 20

Mu kazi kahanzwe kubera ingagi harimo ak'abarinzi b'ishyamba, abayobozi b'amatsinda y'abakerarugendo, abatanga serivisi mu mahoteli no mu bukorikori.

Umwe mu baturage baturiye Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, yagize ati: "Ubu dufite amashuri n'amavuriro byubatswe n'amafaranga ava mu bukerarugendo. Turabizi neza ko ingagi ari umutungo wacu twese."

Mu Kwita Izina nshuro ya 20, agashya kitezwe ni uko abantu bose bamaze guhabwa icyubahiro cyo kwita amazina abana b'ingagi kuva uyu muhango watangira bazaba bahari.

Ni igikorwa cyitezweho gusigasira amateka no kugaragaza aho ubukerarugendo bw'uRwanda bwavuye n'aho bugeze.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, yashimangiye ko uyu muhango ari amahirwe atagereranywa ku baturage n'abikorera mu Karere kose.

Yagize ati: "Twifuza ko abaturage bose bazakira abashyitsi mu buryo buboneye. Abo mu mahoteli, abacuruzi, abategura amafunguro n'abandi bose bagomba gushyira imbere isuku, ubuhanga n'ubupfura. Serivisi inoze ni yo izatuma Musanze ikomeza kuba indorerwamo y'ubukerarugendo bw'u Rwanda."

Yakomeje avuga ko ubuyobozi bwishimira kuba inyungu iva mu bukerarugendo ikomeza gusaranganywa mu baturage bakarushaho gutera intambwe mu iterambere.

Raporo yo mu mwaka wa 2024 y'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) ivuga ko ubukerarugendo bwinjirije u Rwanda amadorali y'Amerika agera kuri miliyoni 647, bigaragaza izamuka rya 4,3% ugereranije n'umwaka wa 2023 bikaba byaragizwemo uruhare runini n'izamuka rya 27% ku musaruro ukomoka ku bukerarugendo bushingiye ku ngagi.

# Ruhango: Umuco nyarwanda si ukoza akarenge ahubwo ni ukwitabira umurimo



Umurimo ni ishingiro ry'imibereho, aha uyu mubyeyi arimo gusya

UWIZEYIMANA Aimable

***Ababyeyi bo mu Karere ka Ruhango, bavuga ko ababyiruka bakwiye kumva ko umuco nyarwanda urangwa n'uko umuntu akora akitabira umurimo atari ukwirirwa yicaye, maze nyuma yo gukora akishimira ibyagezweho, akanarushaho kubyongera no kubisigasira.***

Bazubagira Francoise ni umwe mu babyeyi bo mu Karere ka Ruhango, avuga ko n'ubwo Igihugu gikora byinshi ngo gifashe ababyiruka kumenya umuco, na bo bakwiye gushyiramo imbaraga cyane cyane bakibuka ko umuco ujyana no gukora, atari ukwirirwa wicaye utegereje abaguha.

Ati: "Ntacyo igihugu kidakora ngo gifashe abakiri bato babyiruka indangagaciro, [….] ariko usanga abo babyiruka batabikozwa bakabyuka boza akarenge bakirirwa bazerera utababaza umurimo, nababwira ko umuco atari ukwirirwa wogeje akarenge ahubwo umuco ari ukwitabira umurimo, kuko bigufasha twiteza imbere no kudatinya gukora nkuko nanjye nabitojwe nkiri muto."

Umukecuru we ufite imyaka 70, avuga ko kera barangwaga no gukunda umurimo, ariko ababyiruka kuri ubu usanga boza akarenge bakisiga, ubundi bagategereza uwabatamika, ibyo avuga ko bidakwiye.

Ati: "Kera ababyeyi bacu bazindukaga batubwira kujya kwiga tuvuye kwahirira inyana basaza bacu batuye amazi, none rero uko mbona ababyiruka kuri ubu ntakwitabira umurimo babyuka bogeje akarerenge, bagategereza gusaba nta kwitabira umurimo, inama nabagira ni ukwibuka ko umuco nyarwanda utarera bajeyi, ahubwo utoza abantu kwitabira umurimo udashyigikira abirirwa bicaye."

Umuyobozi w'Intara y'Amajyepfo Kayitesi Alice, avuga ko umuco udakwiye gutwarwa n'imyidagaduro ahubwo ukwiye gufatwa nk'urufunguzo rw'umurimo, ubundi kandi hakabaho kurinda ababyiruka.

Ati: "Tugomba kurinda urubyiruko rwacu ingaruka z'imico mibi iva hanze usanga iruhindura, ndetse tukibuka ko umuco udakwiye gufatwa nk'ibikorwa by'imyidagaduro, ahubwo dukwiye kumva ko umuco ari urufunguzo rwo kwitabira umurimo, tugakora tugateza imbere Igihugu cyacu ari nako natwe twiteza imbere."

Yakomeje avuga ko, igitaramo ndangamuco gikwiye kujya kibera abantu intangiriro yo kurushaho gukora, ndetse no guharanira guteza imbere aho bavuka by'umwihariko ababa baragiye gukorera mu bindi bice by'Igihugu bakagaruka gushora imari bagafatanya n'ubuyobozi guteza imbere abo basize bahatuye.

# Burera: Basiragiye imyaka 3 bishyuza ingurane y'ahanyujijwe n'umuyoboro w'amashanyarazi

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Abaturage bo mu Mirenge ya Rugengabari na Nemba mu Karere ka Burera, by'umwihariko abo mu tugari twa Nyanamo, Rukandabyuma, Kiribata na Mucaca, bamaze imyaka itatu basiragira bishyuza ingurane z'ibyabo byangijwe n'umuyoboro w'amashanyarazi wubatswe muri ako gace mu mwaka wa 2022.***



Umuyoboro w'amashanyarazi wangirije abaturage byinshi, bamaze imyaka 3 batarishyurwa

Hari bamwe bavuga ko bamaze kwishyurwa, abandi bakavuga ko batarahabwa na make, nyamara imitungo yabo yarasenywe cyangwa ikangizwa. Mu byangijwe harimo insina, ibiti by'imbuto ziribwa, n'ibindi biti byari bifite agaciro mu mibereho yabo.

Umwe mu baturage bo mu Kagari ka Nyanamo avuga ko bahora basiragizwa kugeza ubwo bavuga ko ibyangombwa byabo bituzuye kandi ngo baba barabitanze.

Yagize ati: "Bamaze gushyira transfo mu isambu yanjye ntibanyishyura imyaka ibaye 3, bambereyemo amafaranga asaga ibihumbi 300 Frw. Nagiye kubaza nsanga bavuga ngo imyirondoro nayanditse nabi, ariko kugeza ubu ntacyo baramfasha. Twararambiwe, kandi iki kibazo kirazwi, ariko amaso yaheze mu kirere."

Undi muturage wo mu Kagari ka Rukandabyuma na we yavuze ko yishyuwe igice cy'amafaranga, ariko ibiti bye byinshi byangijwe ntibyishyurwe, nyamara ngo ni ho yakuraga inkwi, avuga ko we bamwishyuye bimwe mu byangijwe ariko ishyamba rye ngo ntacyo barivuzeho.

Yagize ati: "Hari ibyo banyishyuriye ariko hari byinshi batarishyura, kandi byose byangijwe kimwe. Twifuza ko batwumva kuko ibyo twatakaje ntabwo ari bike, nk'ubu ishyamba ryanjye ubwaryo ntiryajya munsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 800 ariko ntibaranyishyura twifuza ko twishyurwa amafaranga tukayikenuza."

Hari n'abavuga ko kuba hari ababonye ingurane abandi ntibayibone, bibatera kwibaza ku mikorere y'inzego zibishinzwe.

Uwo mu murenge wa Nemba wahinduriwe amazina akitwa Nduwumwe Egide, avuga ko bibabaza kuvuga ko umuturage yabuze ibyangombwa ngo yishyurwe imyaka igahita ari 3.

Yagize ati: "Twebwe rero biduteza urujijo tumaze imyaka 3 twishyuza ingurane ntituzihabwe ariko hari abakibwirwa ko banditse nabi nimero zo kuri konti za SACO, abandi ngo ibyangombwa by'ubutaka byarabuze, dusanga ari ukuduheza mu nzira ku busa, twifuza ko nibura iki kibazo cyamara uyu mwaka kivuye mu nzira bakatwishyura."

Umukozi wa REG ishami rya Burera, Eng. Majyambere Jean de Dieu, yemereye abaturage ko nta n'umwe uzasigara atishyuwe, ingurane ku mitungo ye yangijwe.

Yagize ati: "Ibibazo by'ingurane ku baturage bangirijwe ibyabo birazwi yemwe ntabwo ari muri iyo Mirenge gusa. Nta muturage n'umwe uzamburwa ku mitungo ye yanyujijwemo umuyoboro w'amashanyarazi. Buri kwezi hari abaturage bishyurwa, abandi bazishyurwa mu bihe bikurikira."

Akomeza agira ati: "Utarabona amafaranga akwiye kwegera ubuyobozi bwa REG tukamufasha, nkaba nsaba abaturage gukomeza kwihangana bagategereza mu gihe inzego zibishinzwe zikomeje akazi ko kubishyura."

Imibare y'Akarere ka Burera igaragazwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'ibarurashamibare yerekana ko mu 2022, 52.7% by'ingo muri Burera zari zifite umuriro w'amashanyarazi.

# Muhanga: Amashanyarazi yabaruhuye agatadowa no gusekura imyumbati

UWIZEYIMANA Aimable

***Abaturage bo mu Kagari ka Rukaragata, Umurenge wa Mushishiro mu Karere ka Muhanga, barabyinira ku rukoma nyuma yo kugezwaho amashanyarazi bavuga ko yabakijije gucana agatadowa n'umuruhi wo gusekura imyumbati.***

Abo baturage bavuga ko kuri ubu ingo zabo zimurikirwa n'amatara kandi ngo nta bagikora urugendo bajya gushaka serivisi ahari umuriro kuko ibyima byo gushesha imyumbati byarabegereye, havuka inzu zo kogosha, n'izindi serivisi zikenera amashanyarazi

Ikindi bishimira ni uko n'abana basigaye basubiramo amasomo nimugoroba bitabagoye.

Mubandakazi Domina umwe mu batuye aka Kagali ka Rukaragata, avuga ko kugorwa no gusekura inyumbati no gushesha babanje gukora ingendo byabaye umugani.

Ati: "Ubu rero urabona hano dufite umuriro w'amashanyarazi, mbere twajyaga dukora urugendo rw'amasaha abiri tujya gushesha utabishoboye agakoresha isekuru, none ibyo bibazo birimo no kuba abanyeshuri baraburaga uko basubira mu masomo byabaye umugani."

Bimenyimana Celestin na we avuga ko batagicana agatadowa cyangwa ngo bakore urugendo rurerure bajya gushaka umuriro wa telefoni zabo.

Ati: "Ubu rero twakize ibibazo byinshi kubera umuriro w'amashanyarazi twahawe, kuko ntabwo tugicana agatadowa nkuko mbere twagorwaga no kubona peterori. ikindi kandi kubera kwegerezwa umuriro w'amashanyarazi, ikibazo twari dufite cyo gukora urugendo rw'amasaha atatu tujya gushaka umuriro wa telefoni zacu ntabwo tukirukora kuko n'utarabona umuriro iwe mu rugo yiyambaza umuturanyi uwufite."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline, avuga ko bakomeje gahunda yo kwegereza ibikorwa remezo abatuye aka karere kandi bizagendana n'igishushanyo mbonera cy'Akarere kose.

Ati: "Tumaze imyaka itanu dushyira mu bikorwa gahunda yo kwegereza abatuye aka Karere ibikorwa remezo, by'umwihariko umuriro w'amashanyarazi. Rero twavuga ko tugeze heza ariko kandi tukazakomeza kugendera ku igenamigambi ry'Akarere kose tudashingiye ku Mujyi wa Muhanga gusa."

Imibare ya vuba ugaragaza ko gahunda yo kugeza amashanyarazi ku batuye mu Karere ka Muhanga iri ku kigero cya 75%.



Basigaye batuye ahabona kandi ntibagikora urugendo bajya gushaka serivisi ahari umuriro





## ITANGAZO RY'ISOKO

Rwamagana, August 19, 2025

**AGAHOZO-SHALOM YOUTH VILLAGE**

**RWAMAGANA - RUBONA**

**TENDER NOTICE: TERM I SHOPPING 2025/2025**

The Agahozo-Shalom Youth Village (ASYV) believes that it takes a Village to transform a child. Through healing, education, and love, ASYV empowers orphaned and vulnerable Rwandan youth to build lives of dignity and contribute to a better world. All children deserve a loving family and a safe home. We believe Agahozo-Shalom (ASYV) can serve as a model of how to heal a traumatized society through caring for its children.

Agahozo Shalom Youth Village is pleased to announce an invitation for bids from reputable suppliers for the procurement of essential goods and services across the following categories: **Dry Food, Fresh Food, Kigali Office Food, Cleaning Materials, Office Supplies, and New Kids Equipment.**

**Submission Guidelines**

- Interested bidders are invited to submit their quotations only through the provided submission form (hard copies will not be accepted).
- Please download the shopping list here.
- The deadline for submission is **Monday 25, August 2025**.

**Important Note:**

- Bidders must fill in prices for each product in the category and LOT they choose to compete for.
- All prices must include applicable taxes and transport to ASYV in Rwamagana, Rubona, or the Kigali Office (Kimironko), where specified

**Vendor Registration:**

In addition to this tender, ASYV is updating its **Vendor Database**. All interested suppliers are required to register through the following link

Only suppliers who complete the registration form will be considered for inclusion in our approved supplier list.

For more information, please contact: Tel: 0788745040 Email: procurement@asyv.org

**Jean-Claude NKULIKIYIMFURA**

Chief Executive Officer (CEO)

## ITANGAZO RY'ISOKO

Rwamagana, 19 Kanama 2025

**AGAHOZO-SHALOM YOUTH VILLAGE**

**RWAMAGANA - RUBONA**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO**

**AGAHOZO-SHALOM YOUTH VILLAGE (ASYV)** ni umuryango udaharanira inyungu ufasha abana batishoboye kugirango babashe kwiyubaka no kubaka igihugu binyujijwe mu burere bushingiye ku ndangagaciro, ubumenyi rusange n'uburezi bufite ireme, ukaba ufite icyicaro gikuru mu karere ka Rwamagana, umurenge wa Rubona akagari ka Karambi.

ASYV ikaba ihamagarira ba Rwiyemezamirimo babyifuza ko hari amasoko yo kugemura ibikoresho bitandukanye: **Ibiribwa, ibikoresho byo mu biro, Ibikoresho by'isuku, n'ibindi bitandukanye.**

**Gutanga ibiciro:**

- Abifuza gupiganira ayo masoko bakohereza ibiciro byabo banyuze kuri iyi fomu. (ibiciro byoherejwe ku mpapuro ntabwo bizakirwa).
- Ushobora gukura lisiti y'ibikoresho hano.
- **Itariki ya nyuma yo kuba mwamaze gutanga ibiciro byanyu ni kuwa Mbere, tariki ya 25 Kanama 2025.**

**Icyitonderwa:**

Upiganirwa isoko agomba kuzuza ibiciro kuri buri gicuruzwa kiri mu kiciro na LOT yahisemo gupiganirwa. Ibiciro bigomba kuba birimo imisoro ndetse na transport kugera ku cyicaro cy' Agahozo-Shalom Youth Village i Rwamagana – Rubona ndetse na Kigali Office (Kimironko) aho byagaragajwe.

**Kwiyandikisha mu Rwego rw' Abacuruzi n'Abatanga Serivisi (Vendor Registration):**

ASYV iri kuvugurura **urwego rw'abacuruzi** bakorana **(Vendor Database)**. Abacuruzi bose bifuza kuzakorana na ASYV mu gihe kiri imbere basabwa kwiyandikisha banyuze kuri iyi fomu

Kubifuza ibisobanuro kuri iri soko, mwahamagara **Tel 0788745040** cyangwa mukohereza kuri e-mail: procurement@asyv.org

**Jean-Claude NKULIKIYIMFURA**

**Chief Executive Officer (CEO)**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Kicukiro

**UMURENGE WA KIGARAMA**

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Umurenge wa Kigarama uratumira ba Rwiyemezamirimo, Amakoperative yujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira ;

| No | Izina ry'isoko | Nimero y'isoko | Itariki yo gusura | Itariki yo gufungura amabaruwa |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Isoko ryo kugemura ibikoresho by'ubwubatsi | No: 01/S/2025-2026/KIG-SECTOR | NA | Tariki ya 12/09/2025 saa yine n'igice za mugitondo (10h30) muri salle y'Umurenge |
| 2 | Isoko ryo gukora no gusana imodoka y'Umurenge | No: 02/S/2025-2026/KIG-SECTOR | NA | Tariki ya 12/09/2025 saa yine n'igice za mugitondo (10h30) muri salle y'Umurenge |
| 3 | Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro (office stationnaries and printing consummables) | No: 03/S/2025-2026/KIG-SECTOR | NA | Tariki ya 12/09/2025 saa yine n'igice za mugitondo (10h30) muri salle y'Umurenge |
| 4 | Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro (Office Furnitures;intebe,ameza,utubati.) | No: 04/S/2025-2026/KIG-SECTOR | NA | Tariki ya 12/09/2025 saa yine n'igice za mugitondo (10h30) muri salle y'Umurenge |
| 5 | Isoko ryo gukora isuku ku nyubako y'Umurenge n'Utugari tugize Umurenge wa Kigarama | No: 05/S/2025-2026/KIG-SECTOR | 29/8/2025 Saa 10h00 | Tariki ya 12/09/2025 saa yine n'igice za mugitondo (10h30) muri salle y'Umurenge |
| 6 | Isoko ryo gusana ibikoresho by'ikoranabuhanga | No: 06/S/2025-2026/KIG-SECTOR | 29/8/2025 Saa 10h00 | Tariki ya 12/09/2025 saa yine n'igice za mugitondo (10h30) muri salle y'Umurenge |
| 7 | Isoko ryo kugura ibiribwa by'abatishoboye | No: 07/S/2025-2026/KIG-SECTOR | NA | Tariki ya 12/09/2025 saa yine n'igice za mugitondo (10h30) muri salle y'Umurenge |

Inyandiko z'amabwiriza y'ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kigarama mu minsi yose y'akazi guhera tariki ya 27/08/2025 nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi ( 10,000 Rwf) adasubizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority( RRA).

Kwakira inyandiko z'abapiganwa biteganyijwe tariki ya 12/09/2025 saa yine za mugitondo (10h00) naho gufungura amabaruwa bizakorwa uwo munsi saa yine n'igice (10h30) za mugitondo mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kigarama.

Bikorewe Kigarama, kuwa 19/08/2025

**UMUBYEYI Mediatrice**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Umurenge wa Kigarama

TEL : 0788843429 Email : kigarama@kicukiro.gov.rw 1

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

**UMURENGE WA RUSORORO**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO.**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Rusororo buramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko mu gihe cy'umwaka umwe (1year) ku buryo bukurikira :

| NOMERO Y'ISOKO | IZINA RY'ISOKO | Igihe Ntarengwa Cyo Gutanga Dosiye | Igihe Cyo Gufungura Amabaruwa Arimo Ibiciro | Aho Amafaranga Azaturuk |
|---|---|---|---|---|
| TN/001/RUSRO/ 2025-2026 | Supply of materials for vulnerable | 18/09/2025 Saa tatu n'igice (9h30) | 18/09/2025 Saa yine zuzuye (10h00) muri salle y'Umurenge. | Umujyi wa Kigali |
| TN/002/RUSRO/ 2025-2026 | Kugemura intebe n'ameza by'abakozi byo mu biro,no kuzisana | 18/09/2025 Saa tatu n'igice (9h30) | 18/09/2025 Saa yine zuzuye (10h00) muri salle y'Umurenge. | Umujyi wa Kigali |
| TN/003/RUSRO/ 2025-2026 | Food supply, refreshment, and reception services (Restaurant) | 18/09/2025 Saa tatu n'igice (9h30) | 18/09/2025 Saa yine zuzuye (10h00) muri salle y'Umurenge. | Umujyi wa Kigali |
| TN/004/RUSRO/ 2025-2026 | Provide T- Shirt,lacoste and other clothes of Sector | 18/09/2025 Saa tatu n'igice (9h30) | 18/09/2025 Saa yine zuzuye (10h00) muri salle y'Umurenge. | Umujyi wa Kigali |
| TN/005/RUSRO/ 2025-2026 | Supply construction materials of hadware store (Quincaillerie), rehabilitation and construction of differerent houses in sector | 18/09/2025 Saa tatu n'igice (9h30) | 18/09/2025 Saa yine zuzuye (10h00) muri salle y'Umurenge. | Umujyi wa Kigali |
| TN/006/RUSRO/ 2025-2026 | Sonorization of Sector | 18/09/2025 Saa tatu n'igice (9h30) | 18/09/2025 Saa yine zuzuye (10h00) muri salle y'Umurenge. | Umujyi wa Kigali |

Abifuza gupiganira aya masoko bazabona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya **25/08/2025** mu biro by'Ubunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Rusororo bamaze kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10000 frws) adasubizwa kuri konti y'ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'Amahoro (RRA) ziri muri banki zitandukanye. Amabahasha afunze neza arimo ibiciro byanditse n'imashini bigizwe n'inyandiko y'umwimerere imwe (01) na kopi eshatu (03) agomba kuba yageze ku biro by'Umurenge wa Rusororo bitarenze itariki n'isaha byavuzwe haruguru. Gufungura amabahasha arimo ibiciro bizakorerwa mu ruhame ku italiki n'isaha n'ahantu byavuzwe haruguru. Ku bindi bisobanuro wahamagara kuri 0788304546/0786360069, cg ukatwandikira kuri E-mail rusororosector@gasabo.gov.rw

**Bikorewe i Rusororo kuwa :18/08/2025.**

**UMUHOZA RWABUKUMBA, PhD**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rusororo**

Akarere ka Gasabo B.P.7066 Kigali| Hotline:1520| Info@gasabo.gov.rw|www.gasabo.gov.rw

# Massamba Intore agiye guhatanira ibihembo byo muri Nigeria



Massamba Intore agiye guhatanira igihembo cy'umunyabigwi nyuma yo kwizihiza imyaka 30 kuri 40 amaze mu muziki gakondo

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi w'umunyabigwi mu njyana gakondo y'u Rwanda Massamba Intore ari mu bahataniye ibihembo muri Nigeria.***

Umuhanzi w'umunyabigwi mu njyana gakondo y'u Rwanda Massamba Intore ari mu bahataniye ibihembo muri Nigeria.

Massamba uri mu batoza n'Itorero ry'Igihugu urukerereza akaba n'umuhanzi ku giti cye yashyizwe ku rutonde rw'abazahatana mu bihembo bya Music Video Africa Awards (MVAA) 2025 bitangitwa muri Nigeria.

Massamba Intore ahatanye mu kiciro cyitwa Best MVAA Legend Icon Award of the Year 2025, gihabwa umuhanzi w'inararibonye wagize uruhare



Dr Nsabi na we ari mu bazahatana mu cyiciro cy'umukinnyi wakoresheje ubuhanga muri filime agakurura abakunzi b'imyidagaduro

rukomeye mu guteza imbere umuziki n'umuco kandi agashyira Igihugu cye ku rwego mpuzamahanga.

Massamba Intore agiye kwitabira ayo marushanwa nyuma y'umwaka yizihije imyaka 30/40 amaze mu muziki wa gakondo yanifashishijwe mu bihe byo kubohora igihugu cy'u Rwanda.

Ni ibihembo byatangiye guhatanirwa tariki 16 Nyakanga 2025, amatora ku mbuga nkoranyambaga atangira tariki 10 Kanama 2025 bikaba biteganyijwe ko agomba gusoza tariki 2 Nzeri 2025 mu gihe guhatana tariki 5 Nzeri 2025.

Ni icyiciro Massamba Intore agiye guhataniramo na The Ben na we urimo Kubica bigacika mu Rwanda no ku rwego mpuzamahanga.

Uretse Massamba Intore na The Ben aya marushanwa yitabiriwe n'abandi mu byamamare batandukanye barimo Aliah Cool uri mu bahataniye igihembo cya 'Best MVAA Humanitarian of the Year 2025' gihabwa umuntu wagize uruhare rukomeye mu bikorwa by'ubugiraneza n'imibereho myiza y'abaturage.

Mu gihe Element Eleeh ahataniye igihembo cya Best MVAA Music Producer of the Year 2025, gihabwa umuhanga mu gutunganya no gukora indirimbo, akazishyira ku rwego rwo hejuru mu ireme n'ubuhanga naho Israel Mbonyi we ari mu bahataniye igihembo gihabwa umuhanzi w'indirimbo zo kuramya no guhimbaza Imana wagaragaje ubuhanga n'uruhare mu gukundisha abantu Imana binyuze mu muziki.

Dr. Nsabi na we ari mu Banyarwanda bazahatana muri iryo rushanwa aho ari mu bahataniye igihabwa umukinnyi wagaragaje ubuhanga buhambaye mu gukina filime, akurura abakunzi b'imyidagaduro n'abafana.

Ni ibihembo bigeye kuba ku nshuro yabyo ya mbere, bikaba biteganyijwe ko ibirori byo kubitanga bizaba tariki 12 Ukwakira 2025 bikazabera muri Lagos Oriental Hotel iherereye mu wa Mujyi wa Victoria Island.




The Ben agiye guhatanira igihembo kimwe na Massamba, Alliah Cool, na Israel Mbonyi mu bazahatana muri ibyo bihembo





# Niyonsaba David na Tuyishimire Claudine begukanye 'Umusambi Race 2025'



Niyonsaba David yegukanye Isiganwa ry'Umusambi Race rya 2025

**SHEMA Ivan**

***Niyonsaba David wa Shaggy Cycling Team mu Bagabo na Tuyishimire Claudine wa Bugesera Cycling Team mu bagore begukanye isiganwa 'Umusambi Race 2025', mu rwego rwo kubungabunga inyoni y'umusambi.***

Isiganwa ryabaye kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 23 Kanama 2025 ryateguwe n'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY) ndetse n'Umuryango Nyarwanda ushinzwe kubungabunga Ibinyabuzima byo mu Gasozi (RWCA).

Abaryitabiriye mu byiciro bitandukanye, banyuze mu mihanda izengurutse igishanga cy'Urugezi kiri hagati y'Akarere ka Gicumbi n'aka Burera, kibarizwamo ¼ cy'imisambi yose yo mu Rwanda.

Iri siganwa ryakinwe mu byiciro bitatu birimo ababigize umwuga; abagore n'abagabo bakoze intera ingana y'ibilometero 90 bahagurukiye muri Santere y'i Banda, abatarabigize umwuga (abakinnyi badafite impushya za FERWACY) bakoze intera ingana n'ibilometero 46 n'abakoresha amagare asanzwe azwi nka 'matabaro' bakoze intera ingana n'ibilometero 37.

Mu bagabo babigize umwuga hatsinze, Niyonsaba David wegukanye umwanya wa mbere akoresheje amasaha atatu iminota ine n'amasegonda 25, akurikirwa na Iradukunda Valens na Habimana Felix yasize iminota 26.

Mu bagore, hatsinze Tuyishimire Claudine.



Mufiteyesu Emmanuel wabaye uwa mbere mu bagabo bakinishije matabaro yahembwe igare




Cyuzuzo Henriette wakinishije igare rya matabaro yabaye uwa mbere ahembwa igare



Ishimwe Diane wa Bugesera Cycling Team yahize abandi mu bagore batabigize umwuga

Mu bagabo n'abagore batabigize umwuga, bakoze ibilometero 45, hatsinze Hakizimana Felcien na Ishimwe Diane.

Mu cyiciro cy'ingimbi, Nkurikiyinka Jackson, Byusa Pacifique na Niyongira Vianney begukanye imyanya itatu ya mbere.

Mu bangavu hatsinze Nyiribambe Aquiline akurikirwa na Uwizeyimana Ancille na Ahishakiye Claudine.



Nkurikiyinka Jackson yabaye uwa mbere mu ngimbi

Mu cyiciro cy'abakinishije amagare asanzwe ku ntera y'ibilometero 45, hatsinze Mufiteyesu Emmanuel wegukanye iri siganwa ku nshuro ya gatatu yikurikiranya, mu gihe mu bagore hatsinze Cyuzuzo Henriette.

Iri siganwa ry'uyu mwaka ryahujwe n'isabukuru y'imyaka 10 ishize RWCA itangiye kubungabunga imisambi, ikaba yaravuye munsi ya 300 ikagera ku 1293 mu 2024.

Imvaho Nshya
Siporo

NO .E-27 TARIKI 19 - 25 KANAMA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Azam FC yatsinze APR FC, Police FC yegukanye irushanwa ry'Inkera y'Abahizi



Polisi FC yegukanye igikombe cy'Inkera y'Abahizi

**SHEMA Ivan**

***Azam FC yatsinze APR FC ibitego 2-0, Police FC yegukana igikombe cy'irushanwa Inkera y'Abahizi kubera kwinjiza ibitego byinshi.***

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo ku Cyumweru, tariki ya 24 Kanama 2025, muri Stade Amahoro yari irimo abafana bake cyane.

Umukino watangiye wihuta wegeranye cyane umupira ukinirwa cyane mu kibuga hagati.

Ku munota wa 24, William Togui yashyizwe hasi mu rubuga rw'amahina na Yoro Diaby wa Azam umusifuzi yemeza penaliti.

Iyo Penaliti yatewe na rutahizamu Djibril Ouattara ikurwamo n'umunyezamu wa Azam, Zuberi Foba.

Iminota 30 amakipe yombi yakiniraga cyane mu kibuga hagati, akora amakosa menshi arimo no kurenza umupira cyane.

Mbere y'uko igice cya mbere kirangira, umusifuzi wa kane yongeyeho iminota ine y'inyongera.

Ku munota wa 45+2, Azam FC yatsinze igitego cya mbere ku mupira watanzwe nabi n'umunyezamu Ishimwe Pierre, umupira usanga rutahizamu wa Azam FC, Zidane Sereri.

Igice cya mbere cyarangiye Azam FC yatsinze APR FC igitego 1-0.

APR FC yagarukanye imbaraga nyinshi mu gice cya kabiri itangira gusatira izamu rya Azam FC ishaka igitego cyo kwishyura harimo umupira wazamukanywe na Kapiteni Niyomugabo Claude ateye ishoti rikurwamo n'ubwugarizi bwa Azam FC.

Ku munota wa 55, Azam FC yatsinze igitego cya kabiri ku mupira watanzwe uteretse, usanga Yahya Zaydi wari wenyine ashyiraho umutwe umupira ujya mu rushundura.

Ku munota wa 70, APR FC yakoze impinduka ebyiri Mamadou Sy na William Togue basimburwa na Mugisha Gilbert na Hakim Kiwanuka.

Nyuma yo gukora izi mpinduka APR FC yiminjiriyemo agafu isatira cyane izamu rya Azam FC harimo umupira wahinduwe na Fitina Omborenga mu rubuga rw'amahina usanga Djibril Ouattara ahagaze neza atereka mu izamu ariko ku bw'amahirwe make ntiwajya mu rushundura.

Iminota 10 ya nyuma, APR FC yagerageje gusatira ishaka igitego kimwe muri bibiri ariko abakinnyi ba Azam FC bakomeza kugarira neza.

Umukino warangiye Azam FC yatsinze APR FC ibitego 2-0, mu irushanwa ryateguwe na APR FC mu rwego rwo kwitegura neza umwaka utaha w'imikino wa 2025/26.

Umukino wabanje Police FC yatsinze AS Kigali kuri penaliti 5-3 nyuma yo kunganya ubusa ku busa mu minota 90 isanzwe y'umukino.

Ibi byatumye ikipe ya Polisi FC yegukana igikombe kubera ibitego byinshi yinjije muri iri rushanwa.

Azam FC yo muri Tanzania yabaye iya kabiri, mu gihe AS Kigali yabaye iya gatatu.

APR FC yateguye iri rushanwa yasoreje ku mwanya wa nyuma.

Police FC ya mbere yahawe miliyoni 5 Frw, mu gihe Azam FC yo muri Tanzania yayikurikiye yahawe miliyoni 2 Frw.

AS Kigali yabaye iya gatatu na APR FC yabaye iya nyuma mu irushanwa yiteguriye zatashye amara masa.

Abakinnyi 11 babanje mu kibuga ku mpande zombi.

APR FC:

Ishimwe Pierre, Alium Souane, Nshimiyimana Yunusu, Omborenga Fitina, Niyomugabo Claude, Ruboneka Jean Bosco, Memel Dao, Djibril Ouattara, Mamadou Sy, Togui William na Ssekiganda Ronald.

Azam FC:

Zuberi Foba, Nathan Chilambo, Landry Zouzou, Yoro Diaby, Fuentes Mendoza, YahyaZayd, Tepsie Evance, James Akaminko, Zidane Sereri, Muhsin Malima na Cheickna Diakite.




Abakinnyi ba Azam FC bishimira igitego cya mbere